



KOLEJI Y'UBUREZI

ISHURI RY'UBUREZI

**IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE Y'INSHOZA Y'IZINA NTERA
MU MASHURI YISUMBUYE.**

Yanditswe na:

NDAHIMAMA Daniel

Nomero y'umunyeshuri: 220018303

**Inyandiko y'ubushakashatsi yakozwe mu rwego rwo kurangiza ikicro cya
gatatu cya Kaminuza, muri Koreji y'Uburezi,**

Master of Education Kinyarwanda Education

Ikinyarwanda n'Uburezi

Abayobozi:

Dr Valentin UWIZEYIMANA

Mr Jules BAYAVUGE

Kamena 2022

UBUHAMYA

Ngewe NDAHIMANA Daniel, ndemeza ko iyi nyandiko ari iyange bwite, ko nta yindi nyandiko isa na yo yatanzwe mu rwego rwo kubona impamyabumenyi iyo ari yo yose muri Kaminuza y'u Rwanda cyangwa se mu yindi kaminuza. Aho izindi nyandiko zakoreshejwe muri iyi nyandiko hagaragajwe hakurikijwe amategeko agenga inkuro, kandi iyi nyandiko yabanje kunyuzwa mu nkoranabuhanga ipima umwimerere w'inyandiko, isanga ari nta makemwa.

Amazina: NDAHIMANA Daniel

Nomero iranga umunyeshuri: 220018303

Umukono



Itariki: 12 Kamena 2022

Umuyobozi:

Dr UWIZEYIMANA Valentin

Umukono:



Itariki: 12 Kamena 2022

ITURA

Umufasha wange

Umwana wange

Ababyeyi bange

Abavandimwe n'inshuti zange

Abanyeshuri twiganye

Abarimu banyigishije

Abayobozi banyoboze

Iyi nyandiko ndayibatuye

GUSHIMIRA

Ndashimira Dr UWIZEYIMANA Valentin wambaye hafi mu myigire yange. Ubwo natangiraga ikiciro cya gatatu cya kaminuza, yambereye ikitegererezo, yangiriye inama nyinshi kandi zankomeje, kugeza magingo aya. Yanyigishije amasomo menshi kandi ansobanurira neza. Yansubije ibibazo byose nari mfite, mbese yamaze amatsiko. Ikiyongera kuri ibyo, ndamushimira inama zose yampaye ntekereza gukora ubushakashatsi, mu gihe nabukoraga ndetse na magingo aya. Warakoze kumba hafi.

Ndongera gushimira by'umwihariko BAYAVUGE Jules ku nama n'impanuro atahwemye kumpa igihe cyose nabaga ndi mu ishuri ndetse no hanze yaryo. Yambaye hafi cyane mu masomo ndetse no muri iyi nyandiko, yanteye inkunga y'ibitekerezo ndetse n'iy'amasengesho ndetse amfasha no kwiga amasomo yose nize muri iki kiciro.

Ndashimira kandi umuryango wange. Igihe natekerezaga kujya kwiga, umufasha wange nkunda cyane UWIHIRWE Aline yaranshyigikiye, arantinyura, angira inama ndetse aranamfasha mu mikoro. Yambereye ikiraro kinyambutsa ikiciro cya kabiri cya kaminuza kinjyana ku kiciro cya gatatu. Inshingano yari afite zo kwita ku muhungu wacu IHIRWE NGANJI Charmant ndetse no kwita ku munyeshuri ari we ngewe, yazisoje neza kandi n'ibindi ntibyangirika.

Nongeye kandi gushimira byimazeyo abarimu batwigishije bose, barakoze cyane. Ndashimira cyane nyakwigendera Prof Laurent NKUSI utarahwemye kungira inama zose zishoboka igihe yari akiriho. Imana ikomeze imutuze mu bwami bwayo.

Ndongera gushimira cyane abanyeshuri twiganye muri iki kiciro, baramfashije mu buryo bwose, bangiriye inama zose kandi n'ikibazo nagiraga mu masomo no mu buzima baragikemuraga, bityo nkakomeza urugendo rwo kwiga nta nkomyi. Ntewe ishema no kwigana namwe. Mukomeze mugwize urukundo n'ubwenge.

AMASHAKIRO

UBUHAMYA.....	ii
ITURA.....	iii
GUSHIMIRA.....	iv
AMASHAKIRO.....	v
IMPINE ZIFASHISHIJE.....	viii
URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE.....	ix
URUTONDE RW'AMASHUSHO.....	x
INSHAMAKE.....	xii
ABSTRACT.....	xiii
UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE.....	1
1.1. Intangiriro	1
1.2. Ihitamo n'akamaro k'ubu bushakashatsi	2
1.3. Imiterere y'ikibazo.....	3
1.4. Intego z'ubu bushakashatsi.....	4
1.4.1. Intego rusange.....	4
1.4.2. Intego zihariye.....	4
1.5. Ibibazo by'ubushakashatsi.....	5
UMUTWE WA KABIRI: ICYO UBUNDI BUSHAKASHATSI BUVUGA KU NSHOZA Y'IZINA NTERA.....	6
2.1. Intangiriro.....	6
2.2. Icyo twavuga ku izina na ntera	9
2.2.1. Izina.....	9
2.2.2. Ntera.....	10
2.3. Ibitandukanya izina na ntera	12

2.4.	Izina ntera.....	12
2.5.	Uburyo izina ntera ryigaragazamo	20
2.5.1.	Isura ya mbere.....	20
2.5.2.	Isura ya kabiri.....	20
2.5.3.	Isura ya gatatu.....	21
2.5.4.	Isura ya kane.....	21
2.5.5.	Isura ya gatanu.....	22
2.5.6.	Isura ya gatandatu.....	22
2.5.7.	Isura ya karindwi.....	23
2.6.	Urujijo mu kugenera	23
2.7.	Isano y'izina ntera n'izina rusange	25
2.8.	Ntera yafashe indomo n'izina rusange.....	26
2.9.	Imyandikire y'ijambo “izina ntera”.	27
2.10	Amahange y'ubu bushakashatsi.....	28
UMUTWE WA GATATU: IYOBORAMIKORERE.....		30
3.1.	Intangiriro	30
3.2.	Imbago z'ubu bushakashatsi.....	31
3.3.	Itsinda nshingirwaho (population).....	32
3.4.	Itsinda nkeshwamakuru (sample)	33
3.5.	Uburyo bwakoreshejwe mu ikusanyamakuru.....	34
3.5.1.	Urutonde rw'ibibazo rwoherezwa	34
3.5.2.	Urupapuro rw'ibibazo rutangwa.....	35
3.6.	Ubwoko bw'amakuru.....	35
3.7.	Uruhare rw'umushakashatsi mu gukusanya amakuru.....	36
3.8.	Uburyo amakuru yasesenguwe.....	36

UMUTWE WA KANE: GUSESENGURA AMAKURU YAKUSANYIJWE.....	38
4.1. Itsinda nkeshwamakuru	38
4.2. Uko abanyeshuri basubije.....	39
4.2.1. Ikibazo cya mbere n’uburyo cyasubijwe.....	39
4.2.2. Ikibazo cya kabiri n’uburyo cyasubijwe.....	62
4.3. Uko abarimu basubije	64
4.3.1. Ikiciro cya mbere k’ibibazo n’uko byasubijwe.....	64
4.3.2. Ikiciro cya kabiri k’ibibazo n’uko cyasubijwe.....	76
4.4. Impaka ku byavuye mu bushakashatsi.....	85
4.4.1. Uko abanyeshuri bumva inshoza y’izina ntera.....	86
4.4.2. Uko abarimu bumva inshoza y’izina ntera	87
4.4.3. Igituma inshoza y’izina ntera ikomeza kudasobanuka	87
4.4.4. Ubusesenguzi kuri ntera yafashe indomo	88
4.4.5. Inshoza y’izina ntera ibangikanywa na ntera yafashe indomo	90
4.4.6. Umusanzu w’ubu bushakashatsi ku nshoza ikwiye guhabwa izina ntera	91
4.4.6. Gukura urujijo ruboneka mu mikoreshereze y’izina ntera mu nteruro	93
UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO N’IBYIFUZO	96
5.1. Umwanzuro rusange	96
5.2. Ibyifuzo.....	97
INYANDIKO ZIFASHISHIJWE.....	98
Imigereka.....	i

IMPINE ZIFASHISHIJE

EKK: English Kiswahili Kinyarwanda

EFK: English French Kinyarwanda

LFK: Litterature French Kinyarwanda

Imb: Imbonerahamwe

No: Numero

Nt: Inteko

D: Indomo

RT: Indanganteko

C: Igicumbi

Ish: Ishusho

GS: Groupe Scolaire

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imb 1: Umubare w'abanyeshuri n'ibyiciro bigamo.....	38
Imb 2: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umugoyi”.....	40
Imb 3: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umutirano”.....	41
Imb 4: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “inyangamugayo”.....	42
Imb 5: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “indinganire”.....	43
Imb 6: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “kijyambere”.....	44
Imb 7: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abanyarwanda”.....	44
Imb 8: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “rukururana”.....	45
Imb 9: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ibyuma”.....	46
Imb 10: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abato”.....	47
Imb 11: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abakuru”.....	47
Imb 12: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abagufi”.....	47
Imb 13: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abanini”.....	48
Imb 14: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ingande”.....	49
Imb 15: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “inshinwa”.....	49
Imb 16: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “indundi”.....	49
Imb 17: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “inshashi”.....	50
Imb 18: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ingabo”.....	51
Imb 19: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umuguta”.....	52
Imb 20: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ingurube”.....	53
Imb 21: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “urucantege”.....	54
Imb 22: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “urudaca”.....	54
Imb 23: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “amahindu”.....	54
Imb 24: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “igikatu”.....	55

Imb 25: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “imena”.....	55
Imb 26: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “indashyikirwa”.....	56
Imb 27: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “intajorwa”..	56
Imb 28: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “intoraguramayugi”.....	57
Imb 29: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umutuku”..	58
Imb 30: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umweru”...	58
Imb 31: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ubururu”...	58
Imb 32: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umugoyi”..	59
Imb 33: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umutirano”	60
Imb 34: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “indinganire	60
Imb 35: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ibyuma”....	60
Imb 36: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abanyarwanda”.....	61
Imb 37: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “inyangamugayo”.....	61
Imb 38: Uburyo abanyeshuri bagaragaje inshoza y'izina ntera.....	62
Imb 39: Uburyo abanyeshuri batanze ingero z'izina ntera.....	63
Imb 40: Uko abarimu batanze inshoza y'izina ntera.....	77
Imb 41: Uburyo abarimu bagaragaje impamvu ituma bavuga ko ijambo ari izina ntera.....	81
Imb 42: Uko abarimu bagaragaza icyo baheraho bagena ubwoko bw'amagambo.....	82
Imb 43: Ibitabo by'ikibonezamvugo byifashishwa.....	84

URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ish 1: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “umugoyi”	65
Ish 2: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “umutirano”	65
Ish 3: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “inyangamugayo”	66
Ish 4: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “indinganire/kijyambere”	66
Ish 5: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “abanyarwanda”	67
Ish 6: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “rukururana”	67
Ish 7: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “ibyuma”	68
Ish 8: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “abato”	68
Ish 9: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “abakuru”	69
Ish 10: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “abanini”	69
Ish 11: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “ingande”	70
Ish 12: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “inshinwa”	70
Ish 13: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “indundi”	70
Ish 14: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “inshashi”	71
Ish 15: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “urugabo”	71
Ish 16: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “umuguta”	72
Ish 17: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “ingurube”	72
Ish 18: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “urucantege, urudaca, amahindu”	73
Ish 19: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “igikatu”	73
Ish 20: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “imena”	73

Ish 21: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “indashyikirwa”	74
Ish 22: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “intajorwa”	74
Ish 23: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “intoraguramayugi”	75
Ish 24: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “umutuku”	75
Ish 25: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “umweru, ubururu”	76
Ish 26: Uko abarimu bagaragaje niba abanyeshuri bumva inshoza y'izina ntera ..	83

INSHAMAKE

Ubu bushakashatsi bwakozwe ku nsanganyamatsiko “*Imyigire n’imyigishirize y’inshoza y’izina ntera mu mashuri yisumbuye*”, bwakozwe nyuma yo kubona inshoza zitandukanye zihabwa izina ntera mu Kinyarwanda zidatuma abanyeshuri baryumva neza. Ibitabo mfashanyigisho ndetse n’iby’ubushakashatsi ntibivuga inshoza imwe, kuko usanga byemeza inshoza zitandukanye z’ubu bwoko bw’ijambo. Izo nshoza ebyiri, ni ntera yafashe indomo, ndetse n’izina rihurizwa ku izina rigaragiye n’ikinyazina ngenera, rikarivugaho inkomoko, akarere, imimerere n’imiterere cyangwa igikoresho kifashishijwe. Ubu bushakashatsi bwari bufite intego yo kugaragaza uburyo inshoza y’izina ntera ivugwaho ndetse no kunoza imyigire n’imyigishirize yaryo. Ku birebana n’iyoboramikorere, ubu bushakashatsi bwifashishije uburyo nyamimerere ndetse na nyamubaro. Abakeshwamakuru batoranyijwe hashingiwe ku mpamvu, bahabwa ibibazo ndetse barabisubiza. Mu gukusanya amakuru ndetse hanasomwe ibitabo mfashanyigisho n’iby’ubushakashatsi bivuga ku kibonezamvugo k’Ikinyarwanda, by’umwihariko ku izina ntera. Mu gusesengura imbonwa, ubushakashatsi bwasanze izina ntera rizwi cyane ari ntera yafashe indomo, naho indi nshoza y’izina ntera ntizwi, kandi na yo yigishwa mu mashuri. Ibi bikaba bigaragaza ko inshoza y’izina ntera itumvikana neza mu mashuri yisumbuye. Inshoza yavuzwe mu bitabo by’ubushakashatsi byifashishijwe mu gutegura ni yo itumvikana, bisobanura ko abateguye ibitabo mfashanyigisho batabashije kuyitsindagira ku buryo abanyeshuri bayifata. Ubushakashatsi rero bwatanze inshoza nshya ikubiyemo ibyavugwaga mu nshoza yahabwaga izina ntera ndetse n’ingingo nshya, byose bikaba bituma inshoza y’izina ntera irushaho kumvikana. Mu kwanzura, ubu bushakashatsi butanga inama ku nzego zishinzwe guteza imbere Ikinyarwanda, bugaragaza igikwiye gukorwa kugira ngo inshoza y’izina ntera irusheho kumvikana.

ABSTRACT

This research which was carried out on the theme “The teaching and learning of the definition of adjectival noun in secondary school” , was conducted after finding that there are two different definitions given to this word category, and do not allow students to understand it well. Teaching books and research books do not give the same definition of this part of speech. These two definitions given are the adjective of quality that takes an article, and the noun that describes another noun, and assigns on it the origin, area, quality or instrument used to make it, and they are joined by using a possessive adjective. This research had objectives in which there is to describe how the definition of adjectival noun is talked about and to harmonize the teaching and learning of this part of speech. As methodology is concerned, the research used quantitative and qualitative methods. The sample was obtained by using purposive sampling techniques. The sample was given questionnaires in two different forms, one is hard copy for students and another is soft copy for teachers. During data collection, research and teaching books which contain information on Kinyarwanda grammar, especially on adjectival noun were consulted in literature review, in order to discover what is the updated definition of adjectival noun. After data collection, there was data presentation, analysis and interpretation. Research findings revealed that between two forms of adjectival noun which are taught, an adjective of quality which has taken an article is more understood by student to be an adjectival noun more than other form. This shows that the definition of this word category still has challenges of understanding in secondary school. The definition which is found in research books which were used in preparation of teaching books is the one which is not understood, meaning that those who took part in teaching books’ preparation did not put emphasis on this definition, so that students should understand it.

This research redefined the definition of adjectival noun, and gave a new definition which englobes what was said in two previous definitions, and adds other new points, in order to make the definition more understandable to students. In concluding, this research gives advices to Kinyarwanda grammar developpers, showing them what must be done on this part of speech, so that it becomes more understandable.

UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE

1.1. Intangiriro

Mu Kinyarwanda, amagambo amwe ni insobanura z'ayandi. Insobanura ni amagambo aherekeza andi maze akayavugaho ayaranga, ayerekana, ayavugaho imiterere cyangwa imimerere n'ibindi. Mu nsobâanura z'izina twavugamo “ntera, ibinyazina, ibisantera n'izina ntera”.

Lagarde (2018) aravuga ati: “*Indépendamment des problèmes posés par la mobilité catégorielle de beaucoup d'unités, il est souvent difficile. De ces difficultés naissent les délices de l'analyse grammaticale scolaire.*” Mu Kinyarwanda bisobanura ko “Hari ibibazo byinshi bigenda biterwa n'ukuntu amagambo agenda ayegayezwa mu rurimi, ni byo bizana impamvu ituma habaho ikibonezamvugo mu mashuri”. Rijkhoff (2007) we aravuga ati: “*English has four major lexical words classes: verbs, nouns, adjectives and adverbs.*”, bishatse kuvuga ngo “Icyongereza gifite ubwoko bune bw'ingenzi bw'amagambo ari bwo “izina, inshinga, insobâanura n'imigereka.”

Bizimana (1998) we avuga ko “*Mu kugena amoko y'amagambo hibandwa ku ndemeko, inshoza cyangwa umumaro ayo magambo aba afite.*” Ni na ho yahereye akena ubwoko bw'amagambo butandukanye harimo n'izina ntera. Inshoza yahaye izina ntera si yo abandi bashakashatsi bariha, kuko bamwe bavuga ko ari ntera yafashe indomo, ndetse n'abagerageje kugendera ku nshoza yarihayeho ntibahuze na we ibisobanuro n'ingero baritangaho.

Urugero ni nko mu gitabo cya Kimenyi na Hakorimana (2016) cyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye bavuga ko izina ntera ryisanisha mu nteko zose, mu cyanditswe na Kabayiza et al (2010) bakavuga ko rishobora gukoreshwa mu nteko nyinshi, ariko ntibagaragaze umubare wazo ndetse

ntibanatange n’urugero rugaragaza izina ntera ryakoreshejwe muri izo nteko nyinshi.

Bizimana (1998) we akavuga ko “*rishobora gukoreshwa mu nteko nyinshi*” ariko urugero atanga rukagaragaza inteko cumi n’enye gusa. Ikindi ni uko mu bitabo bimwe, nko mu cyateguwe na Kabayiza et al (2010), usanga ingero zishyigikira ibisobanuro byatanzwe ku izina ntera zizana inshoza zitigeze zivugwa mu nshoza.

Amagambo avugwa ko ari mu itsinda ryitwa “izina ntera” bigaragara ko afitwe amasura atandukanye. Nko mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa gatanu w’amashuri abanza, mu cyateguriwe umwaka wa mbere, n’icyateguriwe umwaka wa kane w’amashuri yisumbuye, bavuga ko izina ntera ari ntera yafashe indomo. Ibi ariko bikaza kuvuguruzwa mu bitabo by’ubushakashatsi binyuranye.

Irindi jambo rivugwa ko ari izina ntera, ni izina risanzwe, rishobora kugaragara ari izina nyakimwe cyangwa izina y’urusobe. Ibi ribigeraho ari uko rigaragiye irindi zina ririsobanura, bihujwe n’ikinyazina ngenera cyangwa inshinga nkene iremeye ku muzi “-ri” cyangwa se imvugaruhamwa “ni” cyangwa “si”. Bakavuga ko iryo zina ntera rishobora kwisanisha mu nteko zose, rishobora kandi kuba izina mbonera cyangwa rituruka ku nshinga, rikaba ryagira indomo cyangwa ntiriyigire.

Ni yo mpamvu twahisemo gukora ubu bushakashatsi kugira ngo dutange umusanzu mu kunoza imyigire n’imyigishirize y’izina ntera.

1.2. Ihitamo n’akamaro k’ubu bushakashatsi

Twahisemo gukora ubu bushakashatsi tumaze kubona ko izina ntera mu kibonezamvugo k’Ikinyarwanda rihabwa inshoza n’imiterere bitandukanye, ku buryo abarimu n’abanyeshuri barigiraho ingorane. Bigaragara ko abagerageje

kugira icyo bavuga ku izina ntera batatanze umurongo nyawo utuma umunyeshuri cyangwa umwarimu avuga ko ijamba runaka ari izina ntera cyangwa atari ryo.

Mu bitabo mfashanyigisho ndetse n'iby'ubushakashatsi byanditswe ku kibonezamvugo hagaragamo inshoza ebyiri z'izina ntera, ku buryo imyigire n'imyigishirize yaryo itera urujijo. Ibisobanuro biritangwaho biratandukanye ndetse n'ingero ziritangwaho na zo zikazanamo urujijo ku buryo kuryumva bigoranye. Ikindi ni uko dukurikije inshoza zihabwa izina ntera mu bitabo mfashanyigisho byateguriwe imyaka ya Kane y'amashuri yisumbuye, ndetse n'ibivugwa mu bitabo by'ubushakashatsi byanditswe ku kibonezamvuko k'Ikinyarwanda, ntera yafashe indomo wayita izina cyangwa izina ntera, kuko ubwoko bwose wavuga muri ubu tumaze kuvuga bwiswe iyi nshoza.

Ubu bushakashatsi bugamije cyane cyane guteza imbere ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, kugaragaza imbogamizi ziboneka mu myigire n'imyigishirize y'inshoza y'izina ntera, kugaragaza uburyo bunoze bwo kuryigisha, kugira ngo ryumvikane neza.

By'umwihariko, ubu bushakashatsi buzadufasha guteza imbere imyigire n'imyigishirize y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza.

1.3. Imiterere y'ikibazo

Turebye ibisobanuro ndetse n'ingero bitangwa ku izina ntera mu bitabo mfashanyigisho bikoreshwa mu mashuri, mu gitabo cya Bizimana (1998) ndetse n'icya Kabayiza et al (2010), dusanga izina ntera ryigaragaza mu masura arindwi, ariko akubiye mu nshoza ebyiri. Izo nshoza ebyiri ni ntera yafashe indomo n'izina rigaragira izina rikarisobanura. Ibibabo mfashanyigisho byateguriwe umwaka wa Kane w'amashuri yisumbuye mu mashami yombi, ni ukuvuga ishami ry'indimi

n'iritari iry'indimi, bitanga inshoza idahamye igaragaza ubwoko bubiri bw'izina ntera, bigira bita *“Izina ntera ni izina ryitwara nka ntera risobanura irindi zina rikarivugaho imiterere cyangwa imimerere. Izina ntera kandi ni izina ribyawwe na ntera yafashe indomo igasimbura izina yari igaragiye”*. Turetse ntera yafashe indomo kandi, kuri iri zina ntera rindi harimo ibyiciro bibiri ari byo: izina ntera ryisanisha n'izina rigaragiye, n'izina ntera ritisanisha n'izina rigaragiye.

Ibi bituma hibazwa mu by'ukuri inshoza ya nyayo y'izina ntera, kuko izi nshoza zidahuje umumaro ndetse n'imikoreshereze mu nteruro, aibi bigatuma abanyeshuri badasobanukirwa neza icyo izina ntera ari cyo.

1.4. Intego z'ubu bushakashatsi

Ubu bushakashatsi ku myigire n'imyigishirize y'inshoza y'izina ntera mu mashuri yisumbuye bufite intego zigabanyije mu byiciro bibiri ari byo: intego rusange n'intego zihariye.

1.4.1. Intego rusange

Intego rusange z'ubu bushakashatsi ni ugukungahaza ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda no gutanga inama zerekeye imyigishirize iboneye y'ikibonezamvugo ku nzego nkuru zishinzwe Ikinyarwanda, cyanecyane ku myigire n'imyigishirize y'izina ntera.

1.4.2. Intego zihariye

Mu ntego zihariye z'ubu bushakashatsi harimo:

1. Kugaragaza ibibazo biri mu myigishirize y'izina ntera mu mashuri yisumbuye.
2. Kunoza imyigire n'imyigishirize, hagaragazwa uburyo buboneye bwo gusobanura neza inshoza y'izina ntera.

1.5. Ibibazo by'ubushakashatsi

Mu guhitamo gukora ubu bushakashatsi twibazaga ibibazo bitandukanye, ariko byose biganisha ku buryo inshoza y'izina ntera yigishwa mu mashuri yisumbuye. Ibyo bibazo ni ibi bikurikira:

1. Inshoza y'izina ntera yigishwa ite?
2. Ni gute twanoza inshoza ihabwa izina ntera kugira ngo ryumvikane neza?

UMUTWE WA KABIRI: ICYO UBUNDI

BUSHAKASHATSI BUVUGA KU NSHOZA Y'IZINA

NTERA

2.1. Intangiriro

Ijambo ni urukurikirane rw'ibimenyetso (inyajwi n'ingombajwi) rufite igisobanuro cyangwa inyito. Ni byo umuhanga mu iyigandimi witwa Weil (1844) avugaga ati: *“Les mots sont des signes des idées: Traiter l'ordre des mots c'est traiter l'ordre des idées.”* Bisobanura ko amagambo ari ibimenyetso by'imvugo cyangwa ibitekerezo, kandi ko gusesengura byimbitse urukurikirane rw'amagambo ni ugucengera urukurikirane rw'ibitekerezo. Nordquist (2019) we akavugaga ati *“A word is a speech sound or a combination of sounds, or its representation in writing, that symbolizes and communicates a meaning and may consist of a single morpheme or a combination of morphemes.”* Ni byo bisobanura ngo *“Ijambo ni urukurikirane rw'amajwi rutanga igisobanuro, rishobora kuba rigizwe n'akaremajambo kamwe cyangwa twinshi.”*

Amagambo amwe agenda ahuza imiterere ndetse n'imikoreshereze, imimaro n'inyito, nk'uko bivugwa na Aminul & Inkpen (2006) bati *“Semantic relatedness refers to the degree to which two concepts or words are related (or not) whereas semantic similarity is a special case or a subset of semantic relatedness. Humans are able to easily judge if a pair of words are related in some way”*, bisobanura ngo *“Kuvugaga ko amagambo asa biterwa n'urwego ayo magambo ariho, kandi abantu bashobora kwemeza niba amagambo runaka hari aho ahurira”*.

Mu kugena ubwoko bw'amagambo, ntitwari dukwiye kwibanda ku ngingo imwe ngo tuyifate mu mutwe, nk'uko Nadeau (1996) abivugaga ati: *“L'enseignement traditionnel prend appui sur la grammaire que nous connaissons depuis des*

générations. La nature des mots est défini sur une base sémantique et son enseignement se résume plus souvent à apprendre par coeur une définition.” Ni byo bisobanura ngo “Mu myigishirize gakondo y’ikibonezamvugo, imiterere y’amagambo isobanurwa hashingiwe ku bisobanuro kandi inyigisho zayo zikagarukira ku gufata mu mutwe igisobanuro”. Ibikozwe muri ubu buryo bituma abanyeshuri badasobanukirwa ubwoko bw’ijambo, bigatuma badashobora kurema ubundi bwoko bw’amagambo.

Schachter na Shopen (2007) bo bavuga ko “*While it is assumed here that the assignment of words to parts-of-speech classes is based on properties that are grammatical rather than semantic, and often language particular rather than universal*”. Bisobanura ko kugena ubwoko bw’amagambo bishingira ku miterere ayo magambo asanganywe mu kibonezamvugo, hatitawe ku nshoza yayo cyangwa igisobanuro.

Gushyira ijambo mu bwoko runaka bisaba kwitonderwa. Bisaba kubanza kureba amagambo yose yo mu rurimi, hanyuma ukagenda ureba ahuje ingingo uri kwitaho ukayashyira mu bwoko bumwe, kandi ukanasobanura impamvu wayashyize muri ubwo bwoko.

Lagarde (2018) avuga ko “*l’incapacité des grammairiens à formuler les propriétés communes et spécifiques à chaque classe, comme un argument contre la partition traditionnelle n’est pas nouveau*”, bivuga ngo “kugira ubushobozi buke bw’inzobere mu kibonezamvugo bwo gushyiraho uturango duhuriweho twihariwe na buri bwoko bw’amagambo birasanzwe.” Ibitabo bivuga ku kibonezamvugo k’Ikinyarwanda si byinshi, kandi by’umwihariko ibivuga ubwoko bw’amagambo ni mbarwa. Akenshi usanga abashakashatsi benshi bagenda bihunza kugena ubwoko bw’amagambo, ku buryo kugeza magingo aya Bizimana

(1998) ari we wavuze ko afite icyo aheraho yemeza ko ijambo iri n'iri ribarirwa mu bwoko ubu n'ubu.

Mu Kinyarwanda habonekamo amagambo asobanura izina. Ayo magambo ni ntera, ikinyazina, igisantera, ikinyanshinga ndetse n'izina ntera. Si indimi zose zigira ubwoko bwihariye bw'amagambo asobanura izina nk'uko Mouton (2000) avuga ati “*It is generally acknowledged that not every language has a distinct class of adjectives*” bivuga ngo “byaramenyekanye ko atari indimi zose zifite ubwoko bwihariye bw'insobanurazina”. No mu Kinyarwanda rero ntabwo dufite ubwoko bw'ijambo bukubira hamwe amagambo yose asobanura izina, ahubwo twagiye tuyagabanya mu bwoko butandukanye. Muri ayo magambo asobanura izina harimo n'izina ntera.

Izina ntera ni ijambo ryatangiye kuvugwaho bwa mbere mu gitabo kitwa “*Précis de grammaire Rwanda*” cyanditswe na Overdulve (1988), avuga ko ari “*ntera yafashe indomo*”. Bigeze mu mwaka wa 1998, umushakashatsi ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda witwa Bizimana Simoni atanga iyindi nshoza y'izina ntera, avuga ko ari “*ijambo rigaragira izina rikarivugaho ubwoko, akarere cyangwa igihugu ikivugwa gikomokamo*”, maze inshoza z'izina ntera zihita ziba ebyiri.

Ibitabo byanditswe nyuma byagiye byibanda kuri izi nshoza ebyiri, bimwe byemeza inshoza imwe muri ziriya, ibindi byemeza inshoza zombi. Muri ibyo bitabo twavugamo ibitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri, usanga byemeza ko izina ntera ari “*ntera yafashe indomo*” cyangwa se izina risanzwe ariko rikora umurimo nk'uwa ntera ku izina rigaragiye, rikagaragaza imimerere, imiterere, ibara cyangwa igihugu izina rigaragiwe rikomokamo.

Izina ryahawe ubu bwoko bw'ijambo “izina ntera” na ryo ubwaryo ririmo ibice bibiri: izina na ntera. Aha bisobanura ko ubu bwoko bw'ijambo bugomba kuba

bufitanye isano cyangwa ihuriro n’ubu bwoko bw’amagambo bubiri bugize izina ryabwo. Izina rifite imiterere yaryo ndetse n’umumaro waryo wihariye, ntera na yo ikabigira.

Guhuriza hamwe rero bigakora ubwoko bw’ijambo bufata ku mpu zombi, ni byo abashakashatsi badahurizaho. Birumvikana ko ijambo ritari izina kandi ntiribe na ntera, cyangwa se rikaba izina na ntera icyarimwe rigoranye gusobanurwa. Aha wakwibaza ikigenderwaho kugira ngo iryo jambo ryitwe “izina ntera”. Ikindi cyakwibazwa, ni ukuba “izina ntera” ari ubwoko bw’ijambo bwihariye, cyangwa se ari ubwoko bw’izina.

2.2. Icyo twavuga ku izina na ntera

Iyo ushaka kumenya neza icyo “**izina ntera**” ari cyo, ubanza gusobanukirwa n’ubwoko bubiri bw’amagambo ari bwo “**izina**” na “**ntera**”, kuko busanzwe ari ubwoko bw’amagambo butandukanye. Ubu bwoko kandi bufite uturango bugiye bwihariye. Muri iyi nyandiko, ntabwo tugamije kwerekana byimbitse icyo izina cyangwa ntera ari cyo, ahubwo turavugaho muri make itandukaniro riri hagati yayo.

2.2.1. Izina

Mu gitabo cya Kabayiza et al (2010) bavuga ko izina ari ijambo cyangwa itsinda ry’amagambo rivuga umuntu, ikintu cyangwa inyamaswa kugira ngo bitandukane n’ibindi. Bizimana (1998) avuga ko izina ari “*ijambo ubusanzwe rirangwa n’indomo, indanganteko n’igicumbi. Rirengurirwaho icyo interuro ishingiyeho ryaba rigikorwa, rigicirwa cyangwa rigisobanura.*” Coupez (1980) we abivuga mu buryo bukurikira : “*La majorité des noms dits simples ont la structure que voici: (augment)-préfixe nominal-thème.*” Bivuga ngo “Amazina menshi yitwa mbonera (yoroheje) afite imiterere ikurikira: indomo, indanganteko n’igicumbi”. Ndalu (2016) mu gitabo cy’umwaka wa kabiri w’amashuri yisumbuye na we

aravuga ati : “*Nomino ni neno linalotaja mtu, kitu, hali au jambo*”, bisobanura ngo “Izina ni ijambo rivuga umuntu, ikintu cyangwa uburyo”.

LARC (2019 :44), Bizimana (1998), Kabayiza et al (2010), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015), Murera et al (2017), ndetse na Kimenyi na Hakorimana (2016) bavuga ko “*izina rirengurirwaho icyo interuro ishingiyeho, ryaba rigikora, rigicirwa cyangwa rigisobanura.*”

Nubwo izina rigizwe n’indomo, indanganteko n’igicumbi, hari amazina atagira indomo cyangwa se igakurwaho n’imikoreshereze yayo mu nteruro, maze agasigarana indanganteko n’igicumbi gusa, andi akaba afite igicumbi cyonyine. Mu mazina kandi harimo amazina nyakimwe (yoroheje) ndetse n’amazina y’urusobe. Ibi bivugwa na Kabayiza et al (2010) ndetse na Bizimana (1998). Hariho n’amazina bwite ndetse n’amazina rusange.

Ingero zatanzwe ku mazina nyakimwe ni: **Ikibabi, umuntu, ikaramu, ihene, icyayi,...**

Amazina adafite indomo ni nka: **mushiki, musaza, mukuru, murumuna, mubyara,...**

Amazina afite igicumbi gusa, nta ndomo nta n’indanganteko ni nka: **dodo, data, nyina,radiyo,...**

Naho ku mazina y’urusobe twavuga: **Umwihanduzacumu, umurwanashyaka, igishondabagore, iyobokamana, inyangamugayo, inkundarubyino, amatakirangoyi, ubwenegihugu**

2.2.2. Ntera

Ntera ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo, rikerekana imimerere, ingano cyangwa imiterere y’izina rigaragiye. Ntera ntigira indomo, ifata indanganteko

y'izina igaragiye ikayigira indangasano yayo, kandi ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose. Ibi bivugwa mu bitabo byanditswe ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda, ari byo bikurikira: Bizimana (1998), Kabayiza et al (2010), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015), Drrakar (2017), Kimenyi na Hakorimana (2016) na RALC (2019).

Ingero twatanga ni izi zikurikira: Umugabo **munini**, akabe **gato**, urugo **ruhire**, umwaka **mushya**, inka **ndende**, iriba **ryiza**

Icyo RALC (2019) yongeraho ni uko hari ntera zifite ibicumbi mburabuzi birema ntera zidasobanura amazina abonetse yose, ahubwo zo n'amagambo zagenewe bikitwara nk'inyumane, ariko byo bikisanisha n'amazina bisobanura. Ibi ni byo mu gitabo cya Kabayiza et al (2010) bita ibisantera, naho Bizimana (1998) akabyita ntera mburabuzi.

Ingero atanga ni izi:

Umuhoro **muhânya**

Umurimo **mwîitumo**

Ibyavuzwe n'aba bashakashatsi bigaragaza ko ntera ari ijambo riherekeza izina (rikarigaragira) rikarisobanura rivuga imiterere cyangwa imimerere yaryo. Ibi bivuze ko ntera igomba kuba igaragiye izina buri gihe (ni ukuvuga iri kumwe n'izina igaragiye), cyangwa se izina igaragiye rikaba rizwi ku buryo ryahita rigaragara igihe bibaye ngombwa (uretse ko iyi mikoreshereze iboneka gake mu Kinyarwanda), akenshi iyo ridahari riba ryasimbuwe n'insimbuzina igaragara.

Zimwe mu ngero zatangwa ni izi zikurikira:

Umwana munini. Ndamubona munini kandi mwiza. Aragaragara cyane ni muremure kandi mushya muri uyu mudugudu.

Inka nini. Ndayibona nini kandi nziza. Iragaragara cyane ni ndende kandi nshya muri uyu mudugudu.

Bizimana (1998) avuga ko ntera ari “*ijambo rigizwe n’inyibutsanteko ndetse n’igicumbi, yaba isimbuye ijambo riyigenga ikagira indomo*”. Wumvise iki gisobanuro, ushobora gutekereza ko ntera ishobora no kugira uturemajambo dutatu ari two indomo, indanganteko n’igicumbi.

2.3. Ibitandukanya izina na ntera

Izina na ntera bitandukanywa n’ikintu kitari kinini mu miterere yabyo. Bigaragara ko dukurikije imiterere cyangwa indemeko, izina rifite uturemajambo twinshi kuruta ntera. Izina rifite uturemajambo turenze tubiri ari two “indomo, indanganteko, igicumbi” cyangwa “indomo, indanganteko, umuzi, ingereka n’umusozo”, naho ntera yo ifite tubiri gusa.

Amazina menshi ashobora kwihuza agakora izina rimwe, ariko ntera ntabwo zabishobora. Izina rishobora kuba mbonera, gakondo cyangwa se rikaba rikomoka ku nshinga, hari n’amazina y’amatirano, ariko ntera ntiyabishobora kuko ntikomoka ku yandi magambo kuko ibicumbi byayo birazwi, ikindi kandi, igicumbi cya ntera cyatiwe mu rundi rurimi ni “tagatifu” cyonyine.

Igicumbi k’izina ntabwo kisanisha mu nteko zose ariko icya ntera kisanisha mu nteko zose. Ntera ntigira indomo ariko izina rirayigira n’ubwo ishobora gutakara bitewe n’impamvu runaka, ariko riba riyifite. Nubwo hari amazina aremwe ku buryo atigera agira indomo ingero ni mushiki, musaza, murumuna, data n’andi, ariko si ntera.

2.4. Izina ntera

Mu gitabo cya Murera et al (2017) cyateguriwe umwaka wa mbere w’amashuri yisumbuye, bavuga ko izina ntera ari “*Ijambo riteye nk’izina mu rwego rw’uturemajambo ariko rikagaragaza imiterere n’imimerere y’izina ryasimbuye, rikaba ari ntera yafashe indomo.*” Banavuga ko “izina ntera rijyana n’izina cyangwa rikarisimbura.”

Ingero batanga ni izi :

Umwenda **mwiza** w’umweru

Umwiza w’umweru

Mu gitabo cya REB (2019) cyateguriwe umwaka wa Gatanu w’amashuri abanza bagaragaza ko izina ntera ari *“ijambo riteye nk’izina ku ndemeko kandi rikaba rishobora gufata umwanya n’umumaro waryo mu nteruro, ariko ku rundi ruhande rikitwara nka ntera kuko rifite igicumbi gisa n’icya ntera”*.

Ingero zitangwa ni :

Aheza tuzahurirayo

Umwiza arahenda

Akeza karigura

Ababi bazahanwa

Iyi nshoza yo *"Kugira igicumbi nk’icya ntera"* bigatuma ijambo riba “izina ntera” iramutse ifashwe nk’ihame twasanga hari amazina mbonera gakondo afite ibicumbi bisa nk’ibya ntera kandi atari amazina ntera, bityo ukaba wananirwa kuyatandukanya n’amazina ntera.

Ingero ni izi zikurikira:

Ameza turiraho ni manini.

Si byiza kumira **umusa** w’inzoga ugiye kwiga.

Nkunda gusoma **inkuru** ndende.

Mu gitabo cya Kimenyi na Hakorimana (2016) cyateguriwe umwaka wa kane w’amashuri yisumbuye, bavuga ko izina ntera ari *“Ijambo rifite intego nk’iy’izina nyakimwe cyangwa ry’urusobe, bigatandukanywa n’uko rishobora gukoreshwa mu nteko zose kimwe na ntera”*. Banavuga kandi ko akenshi izina ntera riba ari *“ntera yafashe indomo”*, maze iryo jambo “izina ntera” ryayitakaza rigasa cyane na ntera.

Ingero batanga ni izi zikurikira :

Izina ntera rikomoka kuri ntera :

Umwiza arahenda

Umunini (umwana munini)

Umubi (umwana mubi)

Izina ntera rituruka ku izina nyakimwe :

Umusore w'**umurundi**

Abasore b'**abarundi**

Umurishyo w'**umurundi**

Imigozi y'**imirundi**

Itabi ry'**irirundi**

Amarwa y'**amarundi**

Ikigori k'**ikirundi**

Ibigori by'**ibirundi**

Inzu y'**indundi**

Inzu z'**indundi**

Urugo rw'**ururundi**

Akana k'**akarundi**

Utwana tw'**uturundi**

Ubwato bw'**uburundi**

Ukubaka k'**ukurundi**

Ahantu h'**aharundi**

Izina ntera riteye nk'izina ry'urusobe :

Ishati y'**imvaburayi**

Umutaka w'**umuvamahanga**

Igikapu k'**igitirano**

Icyayi k'**igisabano**

Igitabo k'**ikibano**

Bizimana (1998) avuga ko izina ntera ari "Ijambo riteye nk'izina bigatandukanywa n'uko ridashingirwaho isanishantego, ahubwo risobanura ijambo riherekeje cyangwa ryasimbuye, rishobora gukoreshwa mu nteko nyinshi kandi rikaba rivuga ubwoko, akarere cyangwa igihugu ikivugwa kibamo". Yongeraho ko "Hagati y'izina ntera n'ijambo risobanurwa hajya ingenera cyangwa inshinga iremeye ku gicumbi '-ri' cyangwa imvugaruhamwa 'ni' cyangwa 'si'."

Urugero atanga ni uru :

Umugabo w'**umuyenzi**

Abagabo b'**abayenzi**

Umukandara w'**umuyenzi**

Imitako y'**imiyenzi**

Itabi ry'**iriyenzi**

Amacumu y'**amayenzi**

Igitebo k'**ikiyenzi**

Ibitebo by'**ibiyenzi**

Ubutega bw'**ubuyenzi**.

Zorc na Nibagwire (2007) bo baravugaga ngo "In many cases, a noun is used attributively, such as when /*umuuntu w'umukuungu*/ {both} means 'a rich man.' One of the functions of possessive or noun phrase agreement markers is to allow a noun to modify another noun". Birasobanura ngo "akenshi izina rishobora gukora mu nteruro ari ruhamya, nk'igihe "umuuntu w'umukuungu" bivugaga "umuntu ukize". Bakomeza bavugaga ko umwe mu mimaro y'ingenera ari ugutuma izina risobanura irindi zina.

Ingero batanga ni izi :

Umugabo w'ámahóro

Umugoré w'íhoóho

Uruhíinja rw'úmukoóbwa

Bakomeza bavuga bati: *“There is a special construction with the associative noun prefix (nya-) based upon the names of countries, regions, and other geographic areas. There are explicit noun forms within group 1 to designate people and in group 4 to designate the language and culture of those people”* bisobanura ko hari andi mazina akozwe hagendewe ku kabimbura “nya”, akaba avuga igihugu, akarere cyangwa utundi duce, ndetse akaba yanagaragaza ururimi cyangwa umuco w’abantu, bakavuga ko aya mazina na yo ajya akoreshwa asobanura andi mazina bihujwe n’ikinyazina ngenera cyangwa ingenera.

Ingero batanga ni izi :

Abaantu b’**ábanyarwaanda**

Icúmu ry’**írinyarwaanda**

Imasúka y’**ámanyarwaanda**

Mu gitabo cyanditswe na Kabayiza et al (2010) na ho, bavuga nk’ibyo Bizimana (1998) avuga, ariko bo bakongeraho ko hagati y’izina ntera n’izina rigaragiye hajyamo **"ikinyazina ngenera"** cyangwa inshinga nkene **"ni"** cyangwa **"si"**. Izi ziswe inshinga nkene ni zo Bizimana (1998) yita **"Imvûgarûhamwâ"**¹.

Ingero zitangwa ku izinantera ni izi :

Umwenda **w’umutirano**

Ishati **y’umutuku**

Ibikorwa **bya kijyambere**

Amata **y’inka**

Intara **y’Amajyepfo**

Igihe **cy’akanda**

Akarima **k’igikoni**

Amatarasi **y’indinganire**

¹ Imvugaruhamwa ni akajambo gahuza ruhamwa na ruhamya. “Ni” ivuga imiterere cyangwa imibere, “si” ihakana imiterere cyangwa imibere.

Akarere ka Bugesera

Uduce tw'igihugu

Mu ngero zagaragajwe, bigaragara ko hazamo inshoza zitavuzweho mu bisobanuro, kuko urebye neza usanga baritaye ku gihuza izina n'izinantera gusa, ariko ntibite kuri za nshinga nkene bavuze mu gisobanuro. Ikindi, ni uko mu gisobanuro batabanje kugaragaza igihe wakoresha ikinyazina ngenera n'igihe wakoresha inshinga nkene bavuze. Ibi bituma hibazwa ibibazo bitandukanye kuri ubu bwoko bari kwitirira kuba "izina ntera".

Nko mu ngero zatanzwe wavuga uti "*Uyu mwenda ni umutirano, iyi shati ni umutuku, ibi bikorwa ni kijyambere, aya matarasi ni indinganire*" ukumva bisobanura ko ijambo rirengurirwaho (izina ntera) riri kuvuga ko ari iryo rigaragiye. Ariko uvuze ngo "*Aya mata ni inka, iyi ntara ni Amajyepfo, iki gihe ni akanda, aka karima ni igikoni, aka karere ni Bugesera, utu duce ni igihugu*", dushingiye ku gisobanuro k'ijambo ndetse n'inshoza yatanzwe, aya magambo ntiyaba izina ntera.

Muri iki gitabo cyanditswe na Kabayiza et al (2010) kandi bavugamo imikoreshereze y'ikinyazina ngenera, bagaragaza ko gihuza amazina abiri agaragaza isano kandi yuzuzanya. Ntabwo bigera bagaragaza ko gishobora no guhuza izina n'izina ntera kandi bamaze kubivuga mu bisobanuro batanga ku "izina ntera".

Ingero batangaho ni :

Igikamyo cya **rukururana**

Ibiro bya **gasutamo**

Urugi rw'**icyuma**

Bizimana (1998) avuga ko ikinyazina ngenera gihuza ijambo rikigenga n'irindi bifitanye isano, gishobora kuzana inshoza yo kwerekana imimerere, imiterere, ubwoko cyangwa inkomoko. Iki gisobanuro atanga kigaragaza ko hari amagambo

ashobora guhurizwa ku izina n'ikinyazina ngenera, akaba ari yo yerekana inshoza yavuze imimerere, imiterere, ubwoko cyangwa inkomoko, kuko zitazanwamo n'ikinyazina ubwacyo. Mu ngero atanga habonekamo amagambo agaragaza imimerere, imiterere cyangwa inkomoko atisanisha n'amazina ayagenga, nk'uko bigaragara mu ngero atanga :

Umugabo w'**igihambati**

Inka y'**urubereri**

Isaro ry'**umuhondo**

Umugabo w'**umugande**

Insina y'**intuntu**

Uburyo bwo gusobanura izina hifashishijwe irindi zina ntibwihariwe n'ururimi rw'Ikinyarwanda gusa, nk'uko Mouton (2000) avuga ngo " *Some languages without adjectives use abstract nouns in possessive constructions to express adjectival notions such as colour, shape, size, weight, age, value, human propensity*", bisobanura ko hari indimi zitagira ubwoko bw'amagambo busobanura izina (adjectives), ahubwo zigakoresha amazina kugira ngo zigaragaze inshoza yo gusobanura izina nk'ibara, ingano, imimerere, imyaka, agaciro n'ibindi". Urugero atanga rw'ururimi rwitwa "Hausa".

Hausa : **mutum mai alheri/arzaki/hankali**

English: *person having kindness/prosperity/intelligence*

English: 'a kind/prosperous/intelligent person'

Ikinyarwanda: **Umuntu w' umugwaneza/umukire/umunyabwenge**

Mu gusobanura icyo izina ntera ari cyo ndetse no kugaragaza imikoreshereze y'ikinyazina ngenera, Bizimana (1998) agaragaza amasura abiri y'izina ntera. Atanga izina ntera ryisanisha n'izina risobanura: Umugabo w'**umuyenzi**, ubutega bw'**ubuyenzi**, umugabo w'**umugande**, insina y'**intuntu**, ndetse akanatanga izina

ntera ritisanisha n'izina risobanura: isaro ry'**umuhondo**, inka y'**urubereri**, umugabo w'**igihambati**.

Umushakashatsi Mathilde (2005) we aravugaga ati: "*Alors que postposé, l'adjectif modifie le nom comme n'importe quel autre nom*", bisobanura ngo "Iyo insobanura yakwita izina ntera ije inyuma y'izina igaragiye irihindura nk'uko irindi zina ryabikora". Akomeza avugaga ati: "*Semantiquement, ces adjectifs définissent une modalité d'appartenance à la classe dénotée par le nom*", ari byo bisobanura ngo "Mu nyito, iyo nsobanura ivugaga ubushobozi bwo kuba mu itsinda ryagenwe n'izina igaragiye". Ahita agaragaza ubundi bwoko bw'izina ntera butagizwe n'ijambo rimwe, ahubwo bugizwe n'amagambo abiri, twifashishije umumaro w'izina ntera ryo mu Kinyarwanda ku izina rigaragiye.

Un **vrai prêtre** : Umupadiri wa **nyawe**. (Yujuje ibyangombwa byose byo kuba umupadiri²)

Un **faux prêtre** : Umupadiri wa **ntakigenda**. (Ntiyujuje ibyangombwa byo kuba umupadiri³)

Ce prêtre est **vrai** : Uyu mupadiri ni **nyawe**.

Ce prêtre est **faux** : Uyu mupadiri ni **ntakigenda**.

Le prêtre n'est pas **vrai** : Umupadiri si **uwa nyawe**.

Le prêtre n'est pas **faux** : Umupadiri si **uwa ntakigenda**.

Lors de la grande procession de Pâques, de **faux** prêtres se sont mêlés aux **vrais**.

La police a eu du mal à distinguer les **vrais** des **faux** : Mu gihe cyo gutegura Pasika, abapadiri ba **ntakigenda** bivanze mu ba **nyabo**. Porisi yahuye n'ingorane zo gutandukanya aba **ntakigenda** mu ba **nyabo**.

² Il a les propriétés complètes qui définissent un prêtre.

³ L'individu ne remplit pas les propriétés nécessaires pour être dit prêtre.

Tugendeye kuri izi ngero, twavugaga ko itsinda ry'amagambo abiri ari yo "impamyangingo n'ikinyazina ngenga cyangwa izina" rishobora kuba izina ntera, rigaragira izina rikarivugaho imimerere cyangwa imiterere yo kuba ryujuje ibisabwa kugira ngo ribe mu byo izina rigaragiye rivuga, cyangwa se ritujuje ibisabwa ariko ribarizwamo. Ubu bwoko bw'izina ntera buva ku igenzura ry'ibiteganywa kuba byuzuye kugira ngo ikintu kitwe izina ryagenwe⁴.

2.5. Uburyo izina ntera ryigaragazamo

Tugendeye kuri ibi byanditswe n'abashakashatsi batandukanye, dusanga "izina ntera" ryigaragaza mu masura arindwi.

2.5.1. Isura ya mbere

Murera et al (2017) mu gitabo cyateguriwe umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye, REB (2019) mu gitabo cyateguriwe umwaka wa Gatanu w'amashuri abanza ndetse na Kimenyi na Hakorimana (2016) mu gitabo cyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye, bavugaga ko izina ntera ari "ntera yafashe indomo", iki gihe ntiherekeza izina ahubwo irarisimbura.

Zimwe mu ngero zitangwa:

Umwiza nawuguze ejo.

Ababi bazahanwa, **abeza** bahembwe.

Akabi gasekwa nk'akeza.

Abagufi imbere, **abarebare** inyuma.

Abatagatifu baba batakiraho.

2.5.2. Isura ya kabiri

Izina rigaragira irindi zina rikarivugaho ubwoko, igihugu cyangwa akarere, ikivugwa gikomokamo, ubundi rikavugaga imimerere cyangwa imiterere nk'uko

⁴ ...à la valeur qualifiante normalement remplie par les prédicats adjectivaux, s'ajoute une valeur de catégorisation (qui, elle, est habituellement réservée à des prédicats nominaux)...

bivugwa na Bizimana (1998) ndetse na Kabayiza et al (2010). Aya mazina abiri “irigaragiwe n’irigaragiye” ahuzwa n’ikinyazina ngenera, inshinga nkene ifite umuzi “-ri” cyangwa imvugaruhamwa “ni” cyangwa “si”, kandi irigaragira rikisanisha n’iryo rigaragiye.

Ingero ni izi :

Umugabo w’**umusindi**.

Abana b’**abagande**.

Iyi modoka ni **inshinwa**.

Aka kabati si **agahinde**. Imbwa ni **imperume**. Intaganzwa za Kirehe ni **intajorwa**. Mu rusengero rwacu tugira abakobwa b’**abacuranzi**.

2.5.3. Isura ya gatatu

Izina ntera rigaragira izina rikarigaragazaho imimerere cyangwa imiterere, ariko ryo ntiryanishe n’izina rigaragiye. Ibi ni byo bivugwa na Bizimana (1998) ndetse na Kabayiza et al (2010) Aha hazamo n’amazina ntera ushobora kubona ukagira ngo yisanishije n’amazina agaragiye, ariko warihindurira inteko ntiryongere kwisanisha.

Ingero ni izi :

Indwara y’**igikatu**.

Umwana w’**ikirara**.

Umukobwa w’**indaya**.

Amata y’**ikivuguto**.

Amata y’**umubanja**.

2.5.4. Isura ya kane

Kuri iyi sura y’izina ntera, ikitirirwa kuba izina ntera ntikikiri izina nyakimwe cyangwa mbonera ahubwo cyabaye izina ry’urusobe, nk’uko byerekanwa na Kimenyi na Hakorimana (2016) mu gitabo cyateguriwe umwaka wa Kane

w'amashuri yisumbuye. Muri iyi sura, izina ntera rishobora kwisanisha n'izina rigaragiye cyangwa se ntiryanishe na ryo. Ingero zikurikira zirabigaragaza:

Intore y'**intoraguramayugi**.

Inzu y'**imberabyombi**.

Imodoka y'**imbangukiragutabara**.

Umuhungu w'**intezarubwa**.

Umukecuru w'**inkandagirabitabo**.

2.5.5. Isura ya gatanu

Izina ntera rigaragara muri iyi sura ni ijambo rivuga ibara, nk'uko bigaragazwa na Kabayiza et al (2010). Amabara ntabwo yisanisha n'amazina agaragiye. Twakwifashisha izi ngero:

Ishati y'**umutuku**

Ingofero y'**umweru**

Umupira w'**ikijuju**.

Ipera ry'**umuhondo**.

Inkweto z'**umukara**.

2.5.6. Isura ya gatandatu

Hari igihe izina ntera riba ridafite indomo, nk'uko bigaragazwa mu gitabo cya Kabayiza et al (2010), ubu bwoko bw'izina ntera ntibwisanisha n'izina rigaragiye. Zimwe mu ngero twakwifashisha:

Igikamyo cya **rukururana**

Umuhanda wa **kaburimbo**

Umujura wa **ruharwa**.

Igikombe cya **zahabu**

2.5.7. Isura ya karindwi

Hari indi sura ivugwa na Mathilde (2005), igaragaramo amagambo abiri yihuza agakora izina ntera, riganisha ku bushobozi bwo kuba mu itsinda ryagenwe, rikagaragaza niba ibisabwa byuzuye cyangwa bituzuye kugira ngo izina ntera ribarirwe mu itsinda rivugwa n'izina rigaragiwe.

Izi ngero zituruka ku zo yatanze:

Umushumba wa **nyawe**.

Umushumba wa **ntakigenda**.

Amasura atanu yose (kuva ku isura ya kabiri kugeza ku ya gatandatu) yagaragajwe afite ikintu ahuriraho. Agaragaramo amazina asobanura amazina agaragiye akayavugaho imimerere, imiterere, ubwoko cyangwa inkomoko, kandi yose aboneka mu bwoko bw'amazina bugaragazwa na Bizimana (1998).

Isura ya mbere, ntera yafashe indomo igaragaza izina ntera ritagaragiye, ahubwo ryasimbuye izina kandi ryo rishingirwaho isanishantego. Isura ya karindwi yo igaragaza ijamba ridasa n'izina, ariko rikora umurimo nk'uw'izina ntera risanzwe. Iri ntabwo ryakwitwa izina ntera kuko ryo ridafite aho rihurira n'izina.

2.6. Urujijo mu kugenera

Nyuma yo kubona aya masura yose izina ntera ryigaragazamo, ndetse no kubona ko rigaragira izina ribanjirijwe n'ingenera, bituma twibaza uburyo watandukanya izina ntera n'izina rusange mu gihe habayemo kugenera.

Uru rujijo rwaturuka ku kuba izina ntera n'izina rusange biremetse kimwe, bigatandukanira ku mumaro mu nteruro. Ushobora gusanga amazina ahujwe n'ikinyazina ngenera yombi ari amazina rusange, cyangwa se rimwe ari izina rusange irindi ari izina ntera.

Dufate uru rugero:

Umwana w’umukinnyi, w’umukire, w’umugoyi, w’umukazana, w’umushumba, w’umusirikare, w’umukozi, wa kabuhariwe, wa rurangiza.

Kalisa ni umwana mwiza w’umukinnyi: Uyu mukinnyi uvugwa yaba ari **Kalisa** cyangwa se umubyara? Niba ari Kalisa, ubwo umukinnyi biri kugaragaza icyo Kalisa ari cyo, ariko niba ari se biri kuvuga ugenewe umwana.

Mbonye umwana w’umukire: Yaba ari umwana **wakize** cyangwa se **avuka mu bakire**? Niba ari we ukize bigaragaza ko umukire bivuga imiterere y’umwana, ariko niba avuka ku mukire icyo gihe ni ukugenera kwabayeho.

Umushakashatsi Mouton (2000) atubwira ko *“Samoan is an example of a language ...any part of speech can be used as any other part of speech...”* bivuga ko mu rurimi rwitwa Samoan, ubwoko bw’ijambo runaka bushobora gukoreshwa nk’ubundi bwoko. Yongera kuvuga ati *“It is their only actual occurrence in a particular environment which gives them the status of a...”*, bisobanura ko ari imiterere y’aho ryakoreshejwe iriha kwitwa ubwoko ubu n’ubu. Akomeza avuga ko *“...the Australian language Ngiyambaa is said to have two major word classes: verbs and so-called "nominal". The class of nominals includes nouns as well as "lexemes" that would be translated as adjectives in English.”* Bisobanura ngo *“Ururimi rwo muri Ositarariya (Australia) rwitwa “Ngiyambaa” rufite ubwoko bw’amagambo bwitwa “Nominals” bukubiyemo amazina ndetse n’insobanura zayo ari zo zakwitwa ntera”*. Ibi rero bimeze nk’ibiboneka mu Kinyarwanda ku izina ntera n’izina rusange.

Uramutse wasabwe kuvuga ubwoko bw’ijambo rikurikiye ikinyazina ngenera, wavuga ubwoko ushatse hagati y’izina rusange n’izina ntera. Mu gihe avuka ku kigenerwa, wavuga ko ari **"izina rusange"**, ariko yaba ari we kigenerwa rikaba

ari "**izina ntera**". Ibi akenshi bikunze kuba ku mazina yo mu nteko ya mbere n'iyababwirye zivugaga ku bantu, ariko si buri gihe.

Umwana w'**umukinnyi**: Avuka ku mukinnyi (izina rusange), ari we ukora umwuga wo gukina (izina ntera).

Umwana w'**umukire**: Avuka ku mukire (izina rusange), cyangwa ari we mukire (izina ntera).

Umwana w'**umugoyi**: Avuka ku mugoyi (izina rusange), cyangwa ari we mugoyi (izina ntera).

2.7. Isano y'izina ntera n'izina rusange

Izina ntera rifite indemeko (imiterere) imwe n'iy'izina rusange. Rishobora kugira indomo cyangwa se ntiriyigire nk'uko izina rusange rimeze. Izina ntera rigaragara nk'aho ritari mu bwoko bwihariye bw'ijambo rifite uturango dutandukanye n'utw'izina rusange, ahubwo bitandukanira mu mikoreshereze.

Ikigaragara ni uko iyo izina ntera rikoreshejwe ryonyine mu nteruro, ritagaragiye izina ngo bihuzwe n'ikinyazina ngenera, rihita rihinduka izina rusange. Mu nshoza rihabwa, izina ntera ntirishingirwaho isanishantego, risobanura ijambo riherekeje cyangwa risimbuye. Ibi bisobanura ko riramutse riri ryonyine ryashingirwaho isanishantego kandi ntiribe risobanura irindi jambo, ari byo izina rikora, ariko rigaragiye izina bigahuzwa n'ikinyazina ngenera ryahita riba "izina ntera" kubera ko riba rifutura izina rigaragiye, ririvugaho imiterere, ubwoko, akarere cyangwa igihugu iryo zina rikomokamo, ridashingiweho isanishantego, nubwo ku izina ntera ryisanisha n'izina rigaragiye bigoye kumenya aho isanishantego rishingiye, keretse ku izina ntera ritisanisha n'izina rigaragiye.

Ingero zirabigaragaza:

Umugoyi araje ndamubona: Izina rusange

Uyu mwana w'**umugoyi** akunda amata: Izina ntera

Umweru wandura vuba: Izina rusange

Ishati y'**umweru** yandura vuba: Izina ntera

Inshinwa zirakomera: Izina rusange

Imodoka z'**inshinwa** zirakomera: Izina ntera

Abajura baraturembeje: Izina rusange

Abasore b'**abajura** baraturembeje: Izina ntera

Umukinnyi yahinduye ikipe: Izina rusange

Umusore w'**umukinnyi** yahinduye ikipe: Izina ntera

Rukururana itwarwa n'umuhanga: Izina rusange

Igikamyo cya **rukururana** gitwarwa n'umuhanga: Izina ntera

Umushumba wacu aritonda: Izina rusange

Umugabo w'**umushumba** aritonda: Izina ntera

Ingande zibyinka neza: Izina rusange

Indirimbo z'**ingande** zibyinka neza: Izina ntera

2.8. Ntera yafashe indomo n'izina rusange

Mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye cyanditswe na Murera et al (2017), bavuga ko iyo ntera ifashe indomo ihinduka "izina ntera". Ariko Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015), na Kabayiza et al (2010) bo bavuga ko iyo ntera ihawe indomo ihinduka izina, bityo igatanga amasano nk'ay'izina. Zorc na Nibagwire (2007) baravuga ngo "*The*

essential difference between an adjective and a noun is that an adjective never has the article or pre-prefix. If and when the pre-prefix is added, the adjective serves as a noun.” Bivuga ko itandukaniro rya ntera n’izina ari ukuba izina rigira indomo ariko ntera ntiyigire, yaba yayigize igakora nk’izina.

Ingero batanga ni izi: Umwiza, abato abenshi, ikibi, ibibi, ubugari, ubunini, uburebure, ubuzima, ubwinshi, ubwiza, **ivyũzá** (Ikirundi), **ibyũzá** (Ikinyarwanda), **ivyĩnshi** (Ikirundi) **ibiyĩnshi** (Ikinyarwanda)

Bizimana (1998) yongeraho ko iyo ntera ifashe indomo, ihita isimbura izina yari igaragiye, bityo ntiryongere kuboneka ahubwo ikaboneka yonyine.

Nabonye **abeza** benshi. Muri aka karere nta **bahire** babamo

Mu **beza** tugira habamo abakirisitu.

Mu **nziza** uzana, ushyiremo za zindi ebyiri.

Abatindi bagenda bacika mu Rwanda.

Ubwinshi bwabo ntibutuma bakora neza

Uge urebera ku **banini**, ni bo batagira umushiha.

Urebye aya magambo yitirirwa kuba "izina ntera", usanga akora neza nk’amazina rusange, kuko iriya ndomo ivugwa ashobora gufata hari igihe ivaho bitewe n’imikoreshereze yayo mu nteruro, maze ntagaruke mu bwoko yahozemo atarafata indomo, ari bwo "ntera".

2.9. Imyandikire y’ijambo “izina ntera”.

Bizimana (1998) avuga ko mu kugena ubwoko bw’amagambo yitaye ku bintu bitatu ari byo: **indemeko**, **inshoza** n’**umumaro**. Anavuga ko hakurikijwe imiterere, amagambo yashyirwa mu mpushya ebyiri ari zo "**Amagambo agoragozwa** n’amagambo atagoragozwa". Izina ntera arigira ubwoko

bw'ijambo bwihariye bubarizwa mu ruhushya rw'amagambo agoragozwa, kuko ari izina rusange ryakoreshejwe mu buryo butandukanye n'ubw'irisanzwe.

2.10. Amahange y'ubu bushakashatsi

Ubu bushakashatsi bwagendeye mu muyoboro w'amahange abiri, ari yo ihange nyamujora (Critical Theory), n'ihange nyamiterere (Structuralism). Stephen (2009), mu gitabo ke yise “*The Power of Critical Theory: Liberating Adult Learning and Teaching*”, tugenekereje twavuga ko ari “imbaraga z'ihange nyamujora: kubohora abantu bakuze, bakiga ndetse bakigisha”. Yavuze ko ihange nyamujora ari uburyo bwo kwitegereza, gutekereza ku byakozwe, kubisesengura byimbitse maze ukagira ibyo ushima n'ibyo unenga. Iri hange rero ryadufashije gutekereza cyane ku byo abashakashatsi ba mbere bise izina ntera riba mu rurimi rw'Ikinyarwanda, turarisesengura tubona hari ibidahwitse, ibitarashyizwemo ndetse n'ibyashyizwemo mu buryo butuma uwiga atamenya neza ubu bwoko bw'ijambo.

Ihange nyamiterere ryo ni ihange risobanura ko mu kwiga no kumenya ibigize ikintu runaka, ugomba kwita ku miterere yacyo uhaye ku bice bito bikigize. Mu iyigandimi, ihange nyamiterere rivuga ko umunyandimi asesengura imiterere y'ururimi ahereye ku miterere y'amajwi urwo rurimi rufite, imiterere y'amagambo n'intego zayo, interuro n'ibindi. Iri hange nyamiterere ryatubereye umuyoboro ukomeye muri ubu bushakashatsi kuko ryadufashije gushaka imiterere y'izina ntera hagamijwe kumenya amagambo yose yujuje ibyangombwa byo kwitwa izina ntera ntera, no gutahura ibidahwitse.

Umusozo

Twitegereje ibyanditswe n'abashakashatsi ku “izina ntera”, dusanga rigiteye urujijo. Kugira ngo umenye niba ijambo iri n'iri ari izina ntera bisaba kubanza

kureba uko ryakoreshejwe mu nteruro. Kugeza ubu, imikoreshereze y'izina ntera mu nteruro irigaragaza mu buryo bubiri.

Uburyo bwa mbere ni ntera yafashe indomo. Iki gihe ntiba ikigaragiye izina ahubwo iba yarisimbuye Iki ni cyo gituma bamwe mu bashakashatsi bayita izina rusange, kuko iba itagaragiye izina. Aha ntabwo wavuga ko yisanisha n'izina kubera ko ntaryo iba igaragiye. Ni yo mpamvu hibazwa impamvu iyi sura ikomeza gushyirwa mu bwoko bw'izina ntera kandi abashakashatsi barabivuguruje.

Uburyo bwa kabiri ni ijamba rigaragira izina rikarisobanura rigaragaza imimerere, imiterere, akarere cyangwa inkomoko ribarizwamo. Irigaragiye ndetse n'iririgaragiye ari ryo zina ntera bihuzwa n'ikinyazina ngenera, kisanisha n'izina rigaragiye. Muri ubu buryo, izina ntera rishobora kugira indomo cyangwa ntiriyigire (Isura ya gatandatu), rishobora ndetse no kwisanisha n'izina rigaragiye cyangwa ntibyisanishe.

Mu kugaragira cyangwa gusobanura kw'izina ntera hagaragaramo urujijo, aho usanga mu buryo bumwe bw'imikoreshereze udashobora kumenya niba ikigaragiye ari cyo kigaragiye cyangwa se gituruka cyangwa kigenewe ikigaragiye. Ni muri urwo rwego umuntu yakwibaza ukuntu yavuga ubwoko bw'ijamba mu gihe hakirimo urwo rujijo.

UMUTWE WA GATATU: IYOBORAMIKORERE

3.1. Intangiriro

Abashakashatsi Prabhat & Mishra (2015) baravugaga ngo “*Research is an essential and powerful tool in leading man towards progress. Without systematic research there would have been very little progress.*” Ni byo bisobanura ko ubushakashatsi ari igikoresho cya ngombwa kandi k’ingenzi kigeza umuntu ku kerekezo kiza, budakozwe habaho idindira rya byinshi. Kothari (2004) we akavugaga ati: “ *It is a careful investigation or inquiry specially through search for new facts in any branch of knowledge.*” Bivugaga ko ubushakashatsi ari ubugenzuzi bwimbitse bukubiyemo gushakira amakuru y’umwimerere y’ikibazo cyangwa ingingo runaka, mu ngeri y’ubumenyi yagenwe. Ubushakashatsi ntabwo buhimbwa, ahubwo buhera ku bisanzwe biriho. Ikindi ni uko buba bugamije kubona igisubizo k’ikibazo cyangwa inkeneragihamya iba yashyizweho.

Ubushakashatsi kandi bukosora amakosa yari asanzwe ariho ndetse bukanakuraho imyumvire itari yo, hanyuma bukazana ubumenyi bushya bwiyongera ku bwari busanzweho. Ibi bivugwa na Prabhat & Mishra (2015) muri ubu buryo: “*It is also responsible for correcting the present mistakes, removing existing misconceptions and adding new learning to the existing fund of knowledge.*”

Mukama na Nkusi (2019) bo bavugaga ko ubushakashatsi ari uruhurirane rwo kwitegereza, kugerageza no gutekereza bikozwe mu buryo buri kuri gahunda, bugenzuye kandi bwubakiye ku makuru afatika ku kibazo n’inkeneragihamya ku bidukikije.

Mu gushyira ubushakashatsi kuri gahunda rero, umushakashatsi agomba gutekereza uburyo azakoresha (research design), kugira ngo abone amakuru afatika kandi yizewe, azamufasha gukemura ikibazo. Umushakashatsi kandi

agomba kwerekana itsinda nkeshwamakuru (rivuye mu itsinda nshingirwaho) azakoresha, uburyo azarihitamo ndetse n'ibikoresho azifashisha kugira ngo ubushakashatsi buzabe buhamye. Ikindi kandi, umushakashatsi agomba gusobanura impamvu yahisemo gukoresha ubwo buryo.

Kuvuga uburyo ubushakashatsi bukorwa ntibigarukira ku buryo bukoreshwa gusa, ahubwo bigera no ku kugaragaza ukuri kwihishe inyuma y'ubwo buryo, ndetse no gusobanura impamvu wahisemo cyangwa utahisemo uburyo runaka, kugira ngo ubushakashatsi bwawe bube bwazuzumwa nawe ubwawe cyangwa se n'abandi. Ni byo bivugwa na Kothari (2004) ati: *“When we talk of research methodology we not only talk of the research methods but also consider the logic behind the methods we use in the context of our research study and explain why we are using a particular method or technique and why we are not using others so that research results are capable of being evaluated either by the researcher himself or by others.”*

Uyu mutwe ugaragaza uburyo ubushakashatsi bwakozwe (research design), iyoboramikorere ryifashishijwe (research approach), ibikoresho byifashishijwe, impamvu buri gikoresho kifashishijwe, uburyo itsinda nkeshwamakuru ryatoranyijwe ndetse n'uburyo itsinda nshingirwaho ryatoranyijwe.

3.2. Imbago z'ubu bushakashatsi

Mu gukora ubu bushakashatsi twifashishije ibitabo mfashanyigisho ndetse n'iby'ubushakashatsi bivuga ku izina ntera, hagamijwe gukusanya amakuru yose atangwa kuri ubu bwoko bw'ijambo. Twatanze ibibazo byanditse ku banyeshuri babarizwa mu karere ka Gicumbi, mu bigo bitatu biri mu mirenge itandukanye, ikigo kitwa GS GIHUKU kiri mu mirenge wa Bwisige, GS BISIKA mu mirenge wa Rukomo ndetse na COLLEGE de REBERO ibarizwa mu mirenge wa Ruvune. Twabajije kandi n'abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye

(mu bigo bitandukanye byo mu gihugu), tugamije kumenya ibibazo biri mu myigire n’imyigishirize y’inshoza y’izina ntera. Mu gutoranya itsinda nkeshwamakuru, twifashishije uburyo bwo gutoranya itsinda nkeshwamakuru rya tombora, kubera ko ibyavuye mu bushakashatsi byitirirwa abantu bose biga ndetse n’abigisha Ikinyarwanda.

Twanakoresheje itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku mpamvu, kubera ko hari abo twari twizeye ko bafite amakuru kurusha abandi. Ibyavuye muri iri bazwa twabisesenguye twifashishije uburyo bw’isesengura nyamiterere na nyamubaro.

3.3. Itsinda nshingirwaho (population).

Prabhat & Mishra (2015) bavuga ko itsinda nshingirwaho ari uturango tw’itsinda runaka⁵. Kothari (2004) we avuga ko itsinda nshingirwaho ritoranywa hagamijwe kwiga ku turango runaka tw’itsinda. Ibyo abivuga muri aya magambo: *“This population is selected according to some rule for studying some characteristic of the population.”*

Ubushakashatsi bwakozwe ku myigire n’imyigishirize y’inshoza y’izina ntera bwibanze ku barimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye, ikiciro rusange ndetse n’ikiciro cya kabiri. Impamvu twahisemo abarimu, ni uko ari bo bafite amakuru yizewe kandi ya nyayo ku nshoza y’izina ntera, bafite uburyo barisobanukirwa ndetse akaba ari na bwo buryo baryigishamo.

Ubushakashatsi kandi bwakorewe ku banyeshuri biga mu mwaka wa gatanu n’uwa gatandatu w’amashuri yisumbuye, mu mashuri Ikinyarwanda kigishwamo nk’isomo ry’ibanze (LFK, LKK, EFK, EKK). Impamvu twahisemo aya mashuri, ni uko ari yo agira umwanya uhagije wo kwiga Ikinyarwanda, kubera ko ari isomo ry’ikiciro, kandi abavuye muri ibi byiciro ni na bo bemererwa kukiga muri

⁵ Characteristics of a specific group.

kaminuza. Ibi bigatuma umuntu akeka ko ari bo bafite amakuru ahagije ku izina ntera.

Twibanze ku barimu n’abanyeshuri biga mu myaka yo hejuru, kuko ari bo bagira umwanya uhagije wo kwiga Ikinyarwanda no kugisesengura byimbitse. Tugamije kureba ubumenyi abarimu bafite ku izina ntera, ibyo bigishije abanyeshuri, ndetse n’uburyo bagenda bahuza n’ibyo babona mu bitabo mfashanyigisho mu kibonezamvugo.

3.4. Itsinda nkeshwamakuru (sample)

Guhitamo itsinda nkeshwamakuru bivuga gutoranya umubare muto mu itsinda nshingirwaho, maze uwo mubare muto ukaba uhagarariye itsinda nshingirwaho ryose. Ibi ni byo bivugwa na Prabhat & Mishra (2015) ndetse na Kothari (2004) muri aya magambo y’Icyongereza: *“Sampling means selecting a given number of subjects from a defined population as representative of that population.”*

Mu guhitamo amatsinda nkeshwamakuru, twifashishije uburyo bwo guhitamo (non-probability sampling). Twatoranyije abarimu mirongo itatu (30) tuzi neza ko ari bo bafite amakuru nyayo, ikindi kandi kubera ko twakoresheje urupapuro rw’ibibazo rw’ikoranabuhanga, twagombaga guha ibibazo abo twizeye ko bashoboye gukoresha ikoranabuhanga (kuko twabanzaga kuvugana na bo kuri terefone kugira ngo tubasobanurire ndetse tunabasabe ubufasha). Ni itsinda nkeshwamakuru ry’umuhuro (convenience sample).

Iri tsinda nkeshwamakuru ryatoranyijwe kubera ikibazo cy’amikoro ndetse n’igihe. Ntabwo byashobokaga ko tujya gushaka amakuru twigiriyeyo, kubera ubushobozi ndetse n’igihe gito dufite kuko byadusabaga kuzenguruka ibigo byinshi kugira ngo tubone abarimu mirongo itatu. Kothari (2004) aravuga ati: *“However, in small inquiries and researches by individuals, this design may be*

adopted because of the relative advantage of time and money inherent in this method of sampling.” Bisobanura ngo “Ariko umushakashatsi ashobora gukoresha uburyo bwo guhitamo itsinda nkeshwamakuru kubera ikibazo k’igihe n’amikoro.”

Twanakoresheje kandi itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku mpamvu ryitwa mu Cyongereza “*purposive sample*” kuko twahaye impapuro zo kuzuzanya abanyeshuri mirongo itanu n’umunani (58) bo mu mashuri atatu ari yo GS GIHUKU, GS BISIKA na COLLEGE de REBERO, amashuri aherereye mu karere ka GICUMBI. Twahisemo ibi bigo kubera ko bifite amashuri twashakaga, ndetse bikaba byaratworohye kubigeraho (convenience sampling). Tugamije gucukumbura ukuri gushingiye ku mateka ndetse no gusobanura ibintu abantu batari bafiteho amakuru ku buryo bwimbitse. Iri tsinda rero ryarabidufashije kandi neza.

3.5. Uburyo bwakoreshejwe mu ikusanyamakuru

Mu gukusanya amakuru y’ibanze twifashishije urutonde rw’ibibazo twatanze mu buryo bubiri. Urutonde rw’ibibazo rutangwa, n’urutonde rw’ibibazo rwoherezwa. Mu gukusanya amakuru yunganira, twifashishije ibitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatandatu, ndetse n’ibindi bitabo by’ubushakashatsi.

3.5.1. Urutonde rw’ibibazo rwoherezwa

Urupapuro rw’ibibazo rwagenewe abarimu, rwari ruteguriye kuri murandasi (soft copy), ku buryo twoherezagana umukeshwamakuru imbumbabutumwa (link), agahita asubiriza kuri murandasi, yamara gusubiza akohereza ibisubizo natwe tukabibona. Ibi byafashije abarimu babajijwe kuko bitabaga ngombwa ko bajya kwicara ahantu ngo basubize cyangwa ngo bibatware undi mwanya, ahubwo

basubirizaga gusubiriza aho bari, cyangwa se bakabibika bakaza gusubiza igihe baboneye umwanya.

Byoroheye abakeshwamakuru kuko nta ngendo byabasabye ndetse nta n’ubwo byigeze bibahagarikira ibyo bakoraga. Ikindi kandi byoroheye umushakashatsi, kuko bitamufashe umwanya ajya gushaka buri mukeshwamakuru, byasabye amikoro atari menshi.

3.5.2. Urupapuro rw’ibibazo rutangwa

Twari dufite kandi urupapuro rw’ibibazo, mu Cyongereza rwitwa “*Questionnaire*”, rwahawe abanyeshuri biga mu mwaka wa gatanu n’uwa gatandatu mu mashuri yisumbuye. Uru rupapuro rw’ibibazo rwadufashije kubaza ibibazo bimwe kuri bese kandi mu buryo bumwe, bityo amakuru twakuyemo arizewe. Abanyeshuri bamaze gusubiza, amakuru baduhaye twayabitse neza dutegereza igihe cyo kuyasesengura.

3.6. Ubwoko bw’amakuru

Amakuru twakoresheje muri ubu bushakashatsi ari mu byiciro bibiri: Hari amakuru shingiro (primary data) ndetse hakaba n’amakuru y’inyongera (secondary data). Amakuru shingiro ni ayakuwe mu bitabo mfashanyigisho bikoreshwa mu mashuri yisumbuye, ndetse n’ayavuye mu bitabo by’ubushakashatsi byanditswe n’abashakashatsi batandukanye ku kibonezamvugo k’ikinyarwanda. Aya makuru akaba yasesenguriwe mu mitwe ibiri yabanje y’ubu bushakashatsi

Amakuru y’inyongera twakoresheje, ni amakuru yakuwe mu banyeshuri ndetse n’abarimu. Aya makuru ni ingenzi cyane kuko ni yo agaragaza icyavuye mu makuru shingiro, imbogamizi zirimo ndetse n’uburyo izo mbogamizi zatumye izina ntera ridasobanuka neza. Aya makuru agaragaza ko amakuru shingiro yateye

urujijo, maze bigatuma ubumenyi budasakara mu babuhabwa kubera ko ababutanga (abarimu ndetse n'ibitabo) na bo ubwabo bagenda bavuguruzanya.

3.7. Uruhare rw'umushakashatsi mu gukusanya amakuru

Kuhaba kwacu mu gihe amakuru yakusanywaga, byabaye umuti w'ibibazo abakeshwamakuru bibazaga. Twasobanuriye itsinda nkeshwamakuru impamvu y'ubushakashatsi, tubaha ikizere ku makuru bagiye gutanga ndetse anabasobanurira icyo amakuru batanga azakora ndetse n'uburyo bwo kuyabika neza. Tumaze gusubiza ibibazo byose yabajijwe ku mpamvu y'ubushakashatsi, itsinda nkeshwamakuru ryemeye nta gahato gusubiza ibibazo ryabajijwe.

Itsinda nkeshwamakuru ryabajijwe ku buryo bw'ikoranabuhanga na ryo ryasobanuriwe impamvu y'ubushakashatsi, ndetse rinasubizwa n'ibindi bibazo ryabaga rifite mbere yo gutangira gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi.

3.8. Uburyo amakuru yasesenguwe

Nyuma yo gukusanya amakuru, twayashyize mu matsinda tugendeye ku buryo twayakusanyije ndetse n'icyo ahuriyeho. Ibibazo byabajijwe abanyeshuri byari bigamije kureba uburyo bumva inshoza y'izina ntera, naho ibyabajijwe abarimu byari bigamije kureba niba ubumenyi butandukanye bafite ku izina ntera, ibitabo by'ubushakashatsi na mfashanyigisho bifashisha bari kwigisha.

Aya makuru amaze gushyirwa mu byiciro, habayeho guhuza amakuru agiye asa ku ngingo runaka, maze agakorerwa imbonerahamwe igaragaza byimbitse umubare w'abatanze amakuru amwe ndetse n'ijanisha. Buri makuru yose yahawe agaciro, kuko yose yarasesenguwe.

Umusozo

Mu gukora ubu bushakashatsi, twifuzaga kuvugana n’abarimu bose bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye nk’itsinda nshingirwaho, ariko kubera amikoro n’igihe, ntabwo byadukundiye ko tubageraho bose. Ni yo mpamvu itsinda nkeshwamakuru twifashishije rigizwe n’abo twashoboye kugezaho imbumbabutumwa. Ntibyasabaga igihe kirekire cyangwa ubundi bushobozi kugira ngo umwarimu asubize ibibazo, keretse kuba afite igikoresho gifite murandasi gusa.

Itsinda nkeshwamakuru twakoresheje ku banyeshuri ryatoranyijwe hagendewe ku mpamvu. Ishami ryigwamo Ikinyarwanda ni ryo ryari ngombwa, ndetse n’ibigo birifite na byo bikaba ngombwa. Ibigo byose bifite iryo shami kandi ntabwo byagezweho n’umushakashatsi, ahubwo twahisemo ibigo bitatu gusa, kuko ari byo twari dufitiye ubushobozi bwo kugeraho. Ibikoresho byifashishijwe mu gusesengura aya makuru bigaragara mu mutwe ukurikiyeho.

UMUTWE WA KANE: GUSESENGURA AMAKURU YAKUSANYIJWE

Uyu mutwe ugamije kwerekana no gusesengura amakuru yakusanyijwe ku myigire n’imyigishirize y’inshoza y’izina ntera mu mashuri yisumbuye. Nyuma yo gusobanura byimbitse abagize itsinda nkeshwamakuru, amakuru atandukanye yatanzwe n’itsinda nkeshwamakuru yarasesenguwe.

4.1. Itsinda nkeshwamakuru

Nk’uko twabigaragaje mu mutwe wa gatatu, amatsinda nkeshwamakuru ni abiri. Hari itsinda ry’abarimu n’iry’abanyeshuri.

Itsinda ry’abanyeshuri ryo rigizwe n’abanyeshuri biga mu kiciro cya kabiri cy’amashuri yisumbuye, umwaka wa gatanu n’uwa gatandatu, mu mashami yigwamo Ikinyarwanda nk’isomo ry’ikiciro. Abanyeshuri bose hamwe ni mirongo itanu n’umunani. Batandatu biga muri LKK ku kigo kitwa GS GIHUKE, cumi n’ikenda biga muri LFK ku kigo kitwa GS BISIKA, na mirongo itatu na batatu biga muri LKK na LFK ku kigo cya COLLEGE DE REBERO.

Imb 1: Umubare w'abanyeshuri n'ibyiciro bigamo

IKIGO * IBYICIRO

	IBYICIRO		Igiteranyo
	LFK	LKK	
GS BISIKA	19	0	19
IKIGO GS GIHUKE	0	6	6
COLLEGE DE REBERO	12	21	33
Igiteranyo	31	27	58

Itsinda rya kabiri ni irigizwe n'abarimu bari bohererejwe imbumbamakuru (link) mu buryo bw'ikoranabuhanga. Abarimu basubije ni mirongo itatu (30) nk'uko ari bo bahawe urupapuro rw'ibibazo.

4.2. Uko abanyeshuri basubije

Ku rupapuro rw'ibibazo rwahawe abanyeshuri, mu kibazo cya mbere, basabwaga kuvuga ubwoko amagambo yagaragajwe ashyirwamo. Mu kibazo cya kabiri, basabwaga gusobanura ubwoko bw'amagambo bahawe maze bagatanga n'ingero zishyigikira igisobanuro, kuko urugero ari ingenzi cyane mu gusobanura. Bahawe amagambo atandukanye, amwe abarirwa mu bwoko bw'izina ntera ndetse n'andi atabarirwamo. Ibi byakozwe hagamijwe kureba niba koko abanyeshuri bashobora kumenya niba ijamba iri n'iri ryakoreshejwe mu nteruro ari izina ntera. Muri iri sesengura, turareba gusa ku magambo abarirwa mu bwoko bw'izina ntera nk'uko byagaragajwe mu mutwe wa kabiri.

Kubera ko izina ntera risa n'izina, turibanda ku bisubizo biganisha ku izina n'izina ntera, ibindi bisubizo bitibanda aho ntitubigaragaza kubera ubwinshi bwabyo, ahubwo turabyita "ibindi bisubizo".

4.2.1. Ikibazo cya mbere n'uburyo cyasubijwe

Ikibazo cya mbere cyabazaga ubwoko bw'amagambo, cyarabazaga kiti : *"Amagambo aciyeho akarongo uyabarira mu buhe bwoko bw'amagambo ? Vuga ubwoko bwa buri jambo."*

- a) Nge ndabona uyu mwana w'umugoyi yambaye umwenda w'umutirano kandi ni inyangamugayo cyane.

Umugoyi

Iri jambo riteye nk'izina mbonera ariko ryo rigaragaza inkomoko y'izina rigaragiye. Ryisanisha n'izina rigaragiye kandi bigahuzwa n'ikinyazina ngenera. Nk'uko bigaragazwa na Bizimana (1998), rishobora kwisanisha n'amazina rigaragiye kugeza mu nteko ya 14, ariko tugendeye ku bivugwa mu gitabo mfashanyigisho cy'umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye, dusanga ryakwisanisha mu nteko 16.

Imb 2: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo "umugoyi"

Umugoyi				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	14	24.1	24.1	24.1
Izina rusange	8	13.8	13.8	37.9
Izina bwite	29	50.0	50.0	87.9
Izina	5	8.6	8.6	96.6
Ubundi bwoko	2	3.4	3.4	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 14 bavuze ko ari izina ntera, 8 bavuye izina rusange, abandi 29 bavuye izina bwite. Imiterere y'izina bwite itandukanye n'iy'izina ntera, ku buryo nta mpamvu yumvikana yatera kubwiranywa.

Umutirano

Umutirano ni izina rituruka ku nshinga "gutiira". Umwenda w'umutirano ni umwenda utari uw'uwambaye. Ibi bigaragaza inkomoko y'uwo mwenda. Ryisanishije n'izina rigaragiye, kandi bigahuzwa n'ikinyazina ngenera. Dukurikije uko abashakashatsi babivuye ndetse n'ibitabo mfashanyigisho, iri jambo ni izina ntera.

Imb 3: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umutirano”

Umutirano				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	22	37.9	37.9	37.9
Izina rusange	3	5.2	5.2	43.1
izina mvanshinga	10	17.2	17.2	60.3
Ubundi bwoko	23	39.7	39.7	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 22 bavuze ko ari izina ntera, 3 bavuga izina rusange, 10 bavuga izina mvanshinga, 23 basigaye bavuga ubundi bwoko butandukanye harimo n'ubuterekeye ku izina. Izina ntera risa n'izina rusange bigatandukanira ku mukoreshereze mu nteruro. Nta mpamvu yumvikana yatuma ryitiranwa n'ubundi bwoko bw'amagambo nk'igisantera, ntera, inshinga itondaguye n'ibindi.

Inyangamugayo

Ijambo “inyangamugayo” rirasobanura umwana. Wavuga umwana w'inyangamugayo, cyangwa ukavuga ngo “uyu mwana ni inyangamugayo”, ari na byo byavuzwe mu kibazo cyabajijwe. Kuba bitegeranye rero si ikibazo, kuko ubwaryo risobanura icyo umwana ari cyo, ntibikwiye kwitiranwa n'umwana w'inyangamugayo, kuko aha ho ushobora gukeka ko ari umwana uvuka ku nyangamugayo.

Imb 4: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “inyangamugayo”

Inyangamugayo				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	3	5.2	5.2	5.2
Izina rusange	9	15.5	15.5	20.7
Izina	7	12.1	12.1	32.8
izina mvanshinga	2	3.4	3.4	36.2
Ubundi bwoko	37	63.8	63.8	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 22 bose bavuze ko ari izina ry'urusobe. Koko tugiye mu bwoko bw'amazina dusanga izina rigizwe n'amagambo menshi yihuje ryitwa gutyo. Ariko ntibyari ngombwa kuryitiranya, kubera uburyo ryakoreshejwe mu nteruro.

- b) Amatarasi y'indinganire, ibikorwa bya kijyambere ndetse n'uturima tw'igikoni byatumye abana b'abanyarwanda bakira imirire mibi.

Indinganire

Iri jambo risobanura ubwoko bw'amatarasi yavuzwe mu nteruro. Ushobora kuvuga uti: “aya matarasi ni indinganire”, bisobanura ko ari izina risobanura “amatarasi” nubwo ritishyirizwa n'izina rigaragiye. Riri gusobanura ijambo riherekeje nk'uko bisobanurwa n'ibitabo byavuzwe.

Imb 5: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “indinganire”

Indinganire				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	11	19.0	19.0	19.0
Izina rusange	23	39.7	39.7	58.6
Izina bwite	3	5.2	5.2	63.8
Izina	8	13.8	13.8	77.6
izina mvanshinga	4	6.9	6.9	84.5
Ubundi bwoko	9	15.5	15.5	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 11 babashije kwerekana ko ari izina ntera, 23 bavuga izina rusange, abandi bavuga ubundi bwoko,. Iri jambo ryaba izina rusange ari uko riri ryonyine, ritari gusobanura izina rigaragiye. Urugero: Indinganire zituma ubutaka butajyanwa n’isuri. Iki gihe, ni bwo ryaba ari izina rusange, naho muri iki kibazo cyabajijwe, ni izina ntera.

Kijyambere

Iri jambo ryakoresheje risobanura ibikorwa ibyo ari byo. Ibikorwa byose si ko ari ibya kijyambere, ariko kuvuga ubu bwoko bw’ibikorwa, birumvikana ko ari ugusobanura neza ibikorwa bitandukanye n’ibindi. Nubwo iri jambo ritisanisha n’izina rigaragiye, kandi rikaba ridafite indomo, na ryo riri mu bwoko bw’asobanura izina.

Imb 6: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “kijyambere”

Kijyambere				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	10	17.2	17.2	17.2
Izina rusange	3	5.2	5.2	22.4
Izina bwite	2	3.4	3.4	25.9
Izina	1	1.7	1.7	27.6
izina mvanshinga	3	5.2	5.2	32.8
Ubundi bwoko	39	67.2	67.2	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 10 bavuze ko ari izina ntera, byumvikana ko basobanukiwe n'icyo iryo jambo rimarira izina rigaragiye, 39 bavuga ubundi bwoko, bigaragara ko inshoza bamenyereye y'izina ntera itagaragaramo urugero nk'uru.

Abanyarwanda

Iri jambo riramutse riri mu nteruro ryonyine ryaba ari izina rusange, ariko uburyo ryakoreshejwe muri iyi nteruro yatanzwe, si izina rusange ahubwo ni “izina ntera”, kuko riri gusobanura igihugu abana bavuzwe baturukamo.

Imb 7: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abanyarwanda”

Abanyarwanda				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	3	5.2	5.2	5.2
Izina rusange	18	31.0	31.0	36.2
Izina bwite	7	12.1	12.1	48.3
Izina	8	13.8	13.8	62.1
Ubundi bwoko	22	37.9	37.9	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Mu kuvuga ubwoko bw'iri jambo, bigaragara ko abanyeshuri batabashije kuvumbura ko ari izina ntera, bitewe n'uko badasobanukiwe neza n'imiterere ndetse n'imikoreshereze y'izina ntera mu nteruro. 18 muri bo baryise izina rusange, 3 ni bo bonyine babashije gutahura ko ari izina ntera, abandi 30 batanga ubundi bwoko.

- c) Igikamyo cya rukururana kigeze ku biro bya gasutamo kikoreye inzugi z'ibyuma.

Rukururana

Rukururana ntabwo ari umuntu (nyir'igikamyo) ahubwo ni ubwoko bw'ikamyo. Ibi biragaragaza ko iri jambo riri gusobanura ikamyo, ariko bigahuzwa n'ikinyazina ngenera. Ni izina ntera rero, kuko rivuga ubwoko bw'ikamyo.

Imb 8: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “rukururana”

Rukururana				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajisha
Izina ntera	6	10.3	10.3	10.3
Izina rusange	10	17.2	17.2	27.6
Izina bwite	24	41.4	41.4	69.0
Izina	7	12.1	12.1	81.0
izina mvanshinga	1	1.7	1.7	82.8
Ubundi bwoko	10	17.2	17.2	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 6 gusa ni bo babashije kuvumbura ko ari “izina ntera”, abandi 10 bavuga izina rusange, ariko 24 bavuga izina bwite, abandi 10 batanga ubundi bwoko. Abavuze ko ari izina bwite bashobora kuba baragendeye ko hashobora kubaho umuntu witwa “Rukururana”, ariko ntibibuka ko izina bwite buri gihe ritangizwa inyuguti nkuru.

Ibyuma

Uburyo iri jambo ryakoreshejwe mu nteruro, bugaragaza ko riri kugaragaza ubwoko bw'inzugi, cyangwa se ibikoresho izina rigaragiye bikozwemo, ari byo "ibyuma". Kubera ko rigaragaza inkomoko y'izina rigaragiye, ni izina ntera, ariko riramutse rikoreshejwe ryonyine, ryaba ari izina rusange.

Imb 9: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo "ibyuma"

Ibyumba				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	5	8.6	8.6	8.6
Izina rusange	41	70.7	70.7	79.3
Izina bwite	2	3.4	3.4	82.8
Izina	9	15.5	15.5	98.3
Ubundi bwoko	1	1.7	1.7	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 41 bagaragaje ko ari izina rusange. Ibi bihuzwa n'imikoresherezwe y'izina ntera mu nteruro ndetse n'imiterere y'izina rusange, wareba ugasanga impamvu bavuze kuriya ari uko badasobanukiwe neza n'umumaro w'izina ntera ku izina rigaragiye.

- d) Abato imbere, abakuru inyuma, abagufi na bo baze mbere y'abanini muri iki cyumba.

Amagambo yatanze muri iyi nteruro yose ahuriye ku kuba ari ntera yafashe indomo, bityo igasimbura izina igaragiye aho gukomeza kujyana na ryo. imbonerahamwe zikurikira ziragaragaza uburyo abanyeshuri berekanya ubwoko bw'aya magambo.

Imb 10: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abato”

Abato				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	53	91.4	91.4	91.4
Izina rusange	4	6.9	6.9	98.3
Ubundi bwoko	1	1.7	1.7	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 11: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abakuru”

Abakuru				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	53	91.4	91.4	91.4
Izina rusange	2	3.4	3.4	94.8
Izina bwite	1	1.7	1.7	96.6
Ubundi bwoko	2	3.4	3.4	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 12: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abagufi”

Abagufi				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	51	87.9	87.9	87.9
Izina rusange	1	1.7	1.7	89.7
Izina	1	1.7	1.7	91.4
Ubundi bwoko	5	8.6	8.6	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 13: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abanini”

Abanini				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	52	89.7	89.7	89.7
Izina rusange	3	5.2	5.2	94.8
Ubundi bwoko	3	5.2	5.2	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Bigaragara ko abanyeshuri bafashe ko iyo ntera yafashe indomo ihita ihinduka “izina ntera” nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe, kuko 90%, ni ukuvuga abasaga 52 muri 58 babajijwe basubije ko ari izina ntera. Ubu bwoko bw’izina ntera bushobora kuba bworoshye cyane kuruta ubundi bwoko butari ntera yafashe indomo.

- e) Imodoka z’ingande, terefone z’inshinwa n’ingoma z’indundi byose birakomera.

Amagambo yose yabajijwe muri iki kibazo ahuriye ku kuba yose agaragaza igihugu ikivugwa gikomokamo. Mu by’ukuri, iyo aya magambo uyakoresheje yonyine mu nteruro, umuntu asigara yibaza ibyo washakaga kuvuga. Urugero ni nk’uko wavuga uti “ingande zaje”, “mbyonye inshinwa nziza”, “nzagukoshereza indundi nyinshi”. Wakwibaza izivugwa izo ari zo, niba ari imodoka, ingobyi se, ingabo se, n’andi mazina yo mu nteko ya 9 cyangwa iya 10.

Mu kugaragaza ubwoko bwayo rero, ibisubizo by’abanyeshuri twabigaragaje muri izi mbonerahamwe.

Imb 14: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ingande”

Ingande				
	Umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	16	27.6	27.6	27.6
Izina bwite	27	46.6	46.6	74.1
Izina	4	6.9	6.9	81.0
izina mvanshinga	1	1.7	1.7	82.8
Ubundi bwoko	10	17.2	17.2	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 15: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “inshinwa”

Inshinwa				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	15	25.9	25.9	25.9
Izina rusange	1	1.7	1.7	27.6
Izina bwite	26	44.8	44.8	72.4
Izina	3	5.2	5.2	77.6
izina mvanshinga	1	1.7	1.7	79.3
Ubundi bwoko	12	20.7	20.7	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 16: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “indundi”

Indundi				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	18	31.0	31.0	31.0
Izina bwite	24	41.4	41.4	72.4
Izina	2	3.4	3.4	75.9
izina mvanshinga	1	1.7	1.7	77.6
Ubundi bwoko	13	22.4	22.4	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 16 muri 58 babajijwe, ni ukuvuga 28.1%, bavuze ko aya magambo ari izina ntera. Ibi bigaragara ko bigishijwe ko iyo izina rigaragiye irindi zina, bigahuzwa n'ikinyazina ngenera kandi rikaba rivuga igihugu ikivugwa gikomokamo, riba ari izina ntera. Abandi basigaye bavuze ubundi bwoko

- f) Yoroye inka z'inshashi, inkwavu z'ingabo, imbwa y'umuguta n'imfizi y'ingurube.

Inshashi

Ihene zose ntabwo ari inshashi, kuko habaho n'isekurume (aha ni igihe tugendeye ku gitsina cyazo). Iyo tugendeye ku ibara dusanga hariho iz'umusheru, umukara, urwirungu n'izindi. Iri jambo ryabajijwe rero, rirasobanura ihene iyo ari yo, biryo ni izina ntera.

Imb 17: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo "inshashi"

Inshashi				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	11	19.0	19.0	19.0
Izina rusange	26	44.8	44.8	63.8
Izina bwite	10	17.2	17.2	81.0
Izina	8	13.8	13.8	94.8
Ubundi bwoko	3	5.2	5.2	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 11 gusa ni bo babashije kuvumbura ko ririya jambo babajijwe ari izina ntera, abandi 26 bavuye ko ari izina rusange. Inshashi ryaba izina rusange riramutse rikoreshejwe ryonyine mu nteruro, ridasobanura irindi zina. Urugero: Inshashi zacu zose zarimye. Aha zishobora kuba ari ihene, inka, intama cyangwa indogobe.

Ingabo

Iri jambo ryaramamaye cyane mu Rwanda, rivuga “abasirikare” cyangwa umutwe wa gisirikare. Iyo ryakoreshejwe ryonyine riba ari izina rusange. Muri ubu buryo ryakoreshejwe mu nteruro, ntabwo ari izina rusange, kuko aha riri kugaragaza igitsina k’izina rigaragiye. Muri ubu buryo ni izina ntera. Habaho ingwe y’ingabo ndetse n’iy’ingore, intare y’ingabo n’iy’ingore, inzovu n’indogobe cyangwa ingamiya na byo ni uko, mbese urebye ntabwo imikoreshereze y’iri jambo yari ikwiye gutera urujijo, ngo ube wavuga ko ari izina rusange, igihe cyose usobanukiwe neza imikoreshereze y’izina ntera mu nteruro.

Imb 18: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “ingabo”

Ingabo				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy’amajajisha
Izina ntera	9	15.5	15.5	15.5
Izina rusange	29	50.0	50.0	65.5
Izina bwite	9	15.5	15.5	81.0
Izina	10	17.2	17.2	98.3
Ubundi bwoko	1	1.7	1.7	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 9 bonyine ni bo babashije gutahura ko iri jambo ari izina ntera, 29 bavuga ko ari izina rusange, naho abandi basigaye bavuga ubundi bwoko. Ibi byerekana ikibazo mu gusobanukirwa inshoza y’izina ntera n’imikoreshereze yaryo mu nteruro.

Umuguta

Iri jambo rikunze gukoreshwa akenshi rigaragiye irindi zina, rivuga uburyo iryo zina rimeze. Iri jambo rikunze gukoreshwa rivuga itungo rihorose (ritabyibushye).

Bitewe rero n’uburyo ryakoreshejwe mu nteruro yatanzwe, ni izina ntera, kuko rivuga imimerere n’imiterere y’inka.

Imb 19: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “umuguta”

umuguta				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy’amajanja
Izina ntera	6	10.3	10.3	10.3
Izina rusange	15	25.9	25.9	36.2
Izina bwite	19	32.8	32.8	69.0
Izina	7	12.1	12.1	81.0
Ubundi bwoko	11	19.0	19.0	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Abanyeshuri 6 bashoboye kuvuga ko ari izina ntera, 15 bavuga izina rusange, 19 bavuga izina bwite naho 18 bavuga ubundi bwoko. Bisobanura ko imikoreshereze y’izina ntera itumvikanye neza, cyangwa se bakaba baragize ikibazo ku ijambo bahawe.

Ingurube

Ubusanzwe iri jambo ni izina rusange. Ariko uburyo ryakoreshejwe mu nteruro, buragaragaza ko hari umwihariko rifite, risobanura imfizi. Imfizi yose ibangurira ingurube na yo iba ari ingurube. Iyo tuvuze ko tugiye gushaka imfizi y’ingurube, tuba tuvuga ko tugiye gushaka ingurube y’ingabo, ari yo yitwa imfizi. Muri ubu buryo rero, iri jambo ni izina ntera.

Imb 20: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ingurube”

Ingurube				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajisha
Izina ntera	2	3.4	3.4	3.4
Izina rusange	40	69.0	69.0	72.4
Izina bwite	7	12.1	12.1	84.5
Izina	8	13.8	13.8	98.3
Ubundi bwoko	1	1.7	1.7	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Bigaragara ko abanyeshuri batitaye ku buryo ijambo bahawe ryakoreshejwe mu nteruro, cyangwa se iyo mikoreshereze bakaba batayumva. Ni yo mpamvu 2 bavuze izina ntera, ariko 40 bakavuga izina rusange, 7 bakavuga izina bwite, naho 9 basigaye bakavuga ubundi bwoko.

- g) Mu magambo y'urucantege ntiwantereranye, mu ntambara z'urudaca wabanye nange, mu mvura y'amahindu uranyugamisha, ku zuba ry'igikatu wambereye inshuti y'imena mu buzima, sinzakwibagirwa.

Uburyo aya magambo yakoreshejwe, bugaragaza ko agaragiye andi mazina ari yo: “amagambo, intambara, imvura, izuba, inshuti”. Amagambo yose si urucantege, intambara zose si urudaca, imvura zose si amahindu, izuba rivuye ryose ntiriba ari igikatu ndetse n'inshuti zose si imena. Aya magambo aramutse yakoreshejwe yonyine mu nteruro yaba afite ubwoko bw'amazina rusange, ariko muri ubu buryo yakoreshejwemo si yo, ahubwo ni amazina ntera atisanisha n'amazina agaragiye nk'uko twabibonye mu masura y'izina ntera (isura ya gatatu). Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bwayo turabibona mu mbonerahamwe zikurikira.

Imb 21: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “urucantege”

Urucantege				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	8	13.8	13.8	13.8
Izina rusange	1	1.7	1.7	15.5
Izina	1	1.7	1.7	17.2
izina mvanshinga	5	8.6	8.6	25.9
Ubundi bwoko	43	74.1	74.1	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 22: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “urudaca”

Urudaca				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	8	13.8	13.8	13.8
Izina rusange	1	1.7	1.7	15.5
Izina bwite	5	8.6	8.6	24.1
Izina	3	5.2	5.2	29.3
izina mvanshinga	1	1.7	1.7	31.0
Ubundi bwoko	40	69.0	69.0	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 23: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “amahindu”

Amahindu				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	5	8.6	8.6	8.6
Izina rusange	22	37.9	37.9	46.6
Izina bwite	13	22.4	22.4	69.0
Izina	7	12.1	12.1	81.0
izina mvanshinga	1	1.7	1.7	82.8
Ubundi bwoko	10	17.2	17.2	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 24: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “igikatu”

Igikatu				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajisha
Izina ntera	4	6.9	6.9	6.9
Izina rusange	15	25.9	25.9	32.8
Izina bwite	13	22.4	22.4	55.2
Izina	10	17.2	17.2	72.4
Ubundi bwoko	16	27.6	27.6	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 25: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “imena”

Imena				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajisha
Izina ntera	8	13.8	13.8	13.8
Izina rusange	11	19.0	19.0	32.8
Izina bwite	27	46.6	46.6	79.3
Izina	7	12.1	12.1	91.4
Ubundi bwoko	5	8.6	8.6	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Nk'uko bigaragara muri izi mbonerahamwe ziri haruguru, abanyeshuri bagera bayingayinga 7, ni ukuvuga 11.3% by'ababajijwe, ni bo bashobora gutahura ko ariya magambo babajijwe ari “amazina ntera”. Ibi bigaragaza ko inshoza y'izina ntera itumvikanye neza mu mashuri yisumbuye, kuko urebye mu bitabo mfashanyigisho, cyane icyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye, usanga bavuga ko izina ntera rishobora kuba izina nyakimwe cyangwa izina rituruka ku nshinga risobanura izina.

- h) Aba barimu b'indashyikirwa ni intore z'intajorwa zitari intoraguramayugi.

Aya magambo ni amazina y’urusobe yakoreshejwe mu nteruro agaragiye andi mazina ndetse akanayasobanura ayagaragazaho imimerere n’imiterere. Rero aya magambo ni amazina ntera. Uburyo ababajijwe bagaragaje ubwoko bwayo reka tuburebe muri izi mbonerahamwe.

Imb 26: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “indashyikirwa”

Indashyikirwa				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy’amajanja
Izina ntera	11	19.0	19.0	19.0
Izina rusange	10	17.2	17.2	36.2
Izina bwite	2	3.4	3.4	39.7
Izina	5	8.6	8.6	48.3
Ubundi bwoko	30	51.7	51.7	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 27: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “intajorwa”

Intajorwa				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy’amajanja
Izina ntera	13	22.4	22.4	22.4
Izina rusange	5	8.6	8.6	31.0
Izina bwite	7	12.1	12.1	43.1
Izina	10	17.2	17.2	60.3
izina mvanshinga	1	1.7	1.7	62.1
Ubundi bwoko	22	37.9	37.9	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 28: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo "intoraguramayugi"

Intoraguramayugi				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	3	5.2	5.2	5.2
Izina rusange	4	6.9	6.9	12.1
Izina bwite	2	3.4	3.4	15.5
Izina	5	8.6	8.6	24.1
izina mvanshinga	6	10.3	10.3	34.5
Ubundi bwoko	38	65.5	65.5	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imibare y'abanyeshuri basubije igaragaza ko inshoza y'izina ntera itumvikanye neza, kuko muri izi mbonerahamwe bigaragara ko 9 bonyine bangana na 15.5%, ni bo babashije gutahura ko amagambo babajijwe abarirwa mu bwoko bw'izina ntera. Usanga mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe abanyeshuri biga mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye, bavuga ko hariho n'amazina ntera afite imiterere y'izina ry'urusobe. Igisobanuro cyatanzwe rero ntabwo cyabashije gutuma abanyeshuri bumva neza igihe izina ry'urusobe ryaba izina ntera.

i) Ishati z'umutuku n'iz'umweru zandura kimwe n'indi myenda y'ubururu.

Amagambo yabajijwe muri iki kibazo yose ahuriye ku kuba ari amazina avuga ibara ry'ikintu. Ingero zatanzwe mu gitabo cyanditswe na Kabayiza et al (2010), zigaragaza ko ubu bwoko bw'amazina ari amazina ntera igihe agaragiye andi mazina bigahuzwa n'ikinyazina ngenera, nubwo yaba atisanisha n'amazina agaragiye. Iki kibazo twakibajije tugamije kureba ko nibura abanyeshuri basobanukiwe ko amazina agaragaza ibara aba ari amazina ntera, iyo agaragiye amazina asobanura. Imbonerahamwe zikurikira zirabigaragaza.

Imb 29: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umutuku”

Umutuku				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	20	34.5	34.5	34.5
Izina rusange	13	22.4	22.4	56.9
Izina bwite	13	22.4	22.4	79.3
Izina	4	6.9	6.9	86.2
Ubundi bwoko	8	13.8	13.8	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 30: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umweru”

Umweru				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	22	37.9	37.9	37.9
Izina rusange	9	15.5	15.5	53.4
Izina bwite	16	27.6	27.6	81.0
Izina	4	6.9	6.9	87.9
Ubundi bwoko	7	12.1	12.1	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 31: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ubururu”

Ubururu				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	20	34.5	34.5	34.5
Izina rusange	12	20.7	20.7	55.2
Izina bwite	16	27.6	27.6	82.8
Izina	4	6.9	6.9	89.7
Ubundi bwoko	6	10.3	10.3	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Nk’uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, abanyeshuri bazi ko amazina agaragaza amabara iyo agaragiye andi mazina munteruro, ahita aba amazina ntera. Nubwo atari bose, ariko nibura umubare w’abagaragaje ko ari amazina ntera, ari wo 20 bangana na 35.6%, ugaragaza ko babyumvise kuruta uko bumva ubundi bwoko bw’izina ntera butari ntera yafashe indomo.

- j) Umugoyi yambaye umutirano kandi afite indinganire nyinshi ku gasozi.
- k) Gasutamo yacu yubakishije ibyuma kandi abanyarwanda benshi bakunda kuyitemberaho kugira ngo birebere inyangamugayo zihakora.

Amagambo yabajijwe muri izi nteruro ebyiri yari yabanje kubazwa mbere agaragiye amazina, ariko ubu yabajijwe ari yonyine. Iki kibazo kigarutse kugira ngo harebwe niba koko abanyeshuri bazi gutandukanya izina rigaragiye irindi ririvugaho imimerere, imiterere, inkomoko, ubwoko cyangwa igihugu iryo zina ribarizwamo, ndetse n’amazina atagaragiye andi mazina. Muri iki kibazo, abanyeshuri bagombaga kuba babona neza ko noneho aya ari amazina rusange. Imbonerahamwe zikurikira zigaragaza uburyo abanyeshuri basubije.

Imb 32: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “umugoyi”

Umugoyi				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy’amajanisha
Izina ntera	7	12.1	12.1	12.1
Izina rusange	15	25.9	25.9	37.9
Izina bwite	23	39.7	39.7	77.6
Izina	10	17.2	17.2	94.8
Ubundi bwoko	3	5.2	5.2	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 33: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “umutirano”

Umutirano				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	14	24.1	24.1	24.1
Izina rusange	10	17.2	17.2	41.4
Izina bwite	4	6.9	6.9	48.3
Izina	3	5.2	5.2	53.4
izina mvanshinga	5	8.6	8.6	62.1
Ubundi bwoko	22	37.9	37.9	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 34: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “indinganire”

Indinganire				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	7	12.1	12.1	12.1
Izina rusange	25	43.1	43.1	55.2
Izina bwite	8	13.8	13.8	69.0
Izina	8	13.8	13.8	82.8
izina mvanshinga	1	1.7	1.7	84.5
Ubundi bwoko	9	15.5	15.5	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 35: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ibyuma”

Ibyuma				
	umubare	Ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina rusange	46	79.3	79.3	79.3
Izina bwite	2	3.4	3.4	82.8
Izina	7	12.1	12.1	94.8
Ubundi bwoko	3	5.2	5.2	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 36: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “abanyarwanda”

Abanyarwanda				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	4	6.9	6.9	6.9
Izina rusange	19	32.8	32.8	39.7
Izina bwite	9	15.5	15.5	55.2
Izina	7	12.1	12.1	67.2
Ubundi bwoko	19	32.8	32.8	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Imb 37: Uburyo abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “inyangamugayo”

Inyangamugayo				
	umubare	ijanisha	ljanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanja
Izina ntera	8	13.8	13.8	13.8
Izina rusange	4	6.9	6.9	20.7
Izina	4	6.9	6.9	27.6
izina mvanshinga	4	6.9	6.9	34.5
Ubundi bwoko	38	65.5	65.5	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Tugendeye ku mibare tubona mu mbonerahamwe, dusanga abanyeshuri bataramenya neza imikoreshereze n'inshoza by'izina ntera mu nteruro, ari na ho usanga bamwe bakivuga ko aya magambo ari amazina ntera, kandi nta mazina afite ari kuvugaho cyangwa gusobanura. Ibi biva ku buryo basobanuriwe, ndetse n'ingero bagiye bahabwa zitandukanye kandi zitera urujijo mu misobanurire y'inshoza. Bigaragara ko abasaga 19 mu babajijwe, ni ukuvuga 34.1% ari bo babona ko aya magambo babajijwe ari amazina rusange.

4.2.2. Ikibazo cya kabiri n'uburyo cyasubijwe

Ikibazo cya kabiri cyari gitandukanye n'icya mbere, kuko cyo kitabazaga ubwoko bw'amagambo umunyeshuri yahawe, ahubwo cyamusabaga gusobanura ubwoko bw'ijambo yahawe, hanyuma agatanga n'ingero zishyigikira igisobanuro yatanze.

Amagambo umunyeshuri yasabwaga gusobanura ni “izina”, “ntera” ndetse n’”izina ntera”. Mu gusesengura aya makuru, ntabwo turi bwibande ku magambo yose yasobanuwe, kuko ikituraje ishingira ni izina ntera gusa. Andi magambo (izina na ntera) turayihorera, kuko yabajijwe mu buryo bwo gufasha umunyeshuri kumenya gutandukanya ubwoko bw'amagambo yari yabajijwe. Ibisubizo byatanzwe bikubiye mu mbonerahamwe ikurikira.

Imb 38: Uburyo abanyeshuri bagaragaje inshoza y'izina ntera

Izinaantera				
	umubare	ijanisha	ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajaj
izina ni ntera yafashe indomo	28	48.2	48.2	48.2
ni ijambo rifite intego nk'iy'izina ariko rikagira umumaro nk'uwa ntera	9	15.5	15.5	63.7
Ni ijambo riteye nk'izina bigatandukanywa n'uko ridashingirwaho isanishantego. Ni ijambo rifite intego nk'iy'izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe bigatandukanywa n'uko rishobora gukoreshwa mu nteko zose kimwe na ntera	21	36.3	36.3	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Mu kuvuga icyo izina ntera ari cyo, abanyeshuri bifashishije inshoza zinyuranye ariko zihuriza ku bintu bibiri muri rusange ari byo: Kuba izina ntera ari ntera yafashe indomo, no kuba ari ijambo riteye nk'izina bigatandukanywa n'uko ridashingirwaho isanishantego. Uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, inshoza yagarutsemo kenshi ni ivuga ko izina ntera ari ntera yafashe indomo, ikurikirwa

n'ivuga ko ari ijambo riteye nk'izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe, bigatandukanywa n'uko ryo ridashingirwaho isanishantego.

Ibi ni byo bivugwa mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye ku rupapuro rwa 58, bavuga ngo: *“Izina ntera akenshi rirangwa no kuba ari ntera iba yafashe indomo. Cyakora hari n'amazina ntera y'andi moko atandukanye: amazina ntera afite imiterere y'izina nyakimwe ariko akagira umumaro nk'uw'izina ntera mu nteruro, amazina ntera afite imiterere nk'iy'amazina y'urusobe n'amazina ntera akomoka ku nshinga.”*

Ingero zatanzwe n'abanyeshuri na zo zishingiye kuri izi ngingo ebyiri zimaze kuvugwa, nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe:

Imb 39: Uburyo abanyeshuri batanze ingero z'izina ntera

Ingero				
	umubare	ijanisha	Ijanisha ribanza	Igiteranyo cy'amajanisha
abato	12	20.6	20.6	20.6
nta rugero	15	25.8	25.8	46.4
umubi, umwiza	14	24.1	24.1	70.5
umwiza	10	17.2	17.2	87.7
umwiza, umunini	5	8.6	8.6	96.3
umwiza, umuto	2	3.7	3.7	100.0
Igiteranyo	58	100.0	100.0	

Ibisubizo byatanzwe muri iyi mbonerahamwe bigaragaza ko isura ya ntera yafashe indomo ari yo sura yoroshye gusobanura, kurusha isura y'izina rusange, kuko yo iyo uysisobanura hiyongeraho n'imikoreshereze mu nteruro, mu gihe mu isura ya mbere ari ukureba gusa ko “ntera ifite indomo”.

Ni na cyo cyagaragaye mu kuvuga ubwoko bw'amagambo, kuko aho bari bahawe ntera yafashe indomo basubije cyane (ku ijanisha rya 90%) ko ari izina ntera, kuruta aho bari bahawe izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe rigaragiye izina rikarisobanura, kuko ho basubije ko ari izina ntera ku ijanisha rya 9.8%. Ibi bigaragaza ko abanyeshuri basobanukiwe neza ko izina ntera ari ntera yafashe indomo (isura igendeye ku ndemeko), isura imwe rishobora kwigaragazamo. Iyindi sura y'izina ntera (igendeye ku mikoreshereze mu nteruro) ntabwo yumvikana.

4.3. Uko abarimu basubije


Urupapuro rw'ibibazo rwohererejwe abarimu rwari rugizwe n'ibyiciro bibiri by'ibibazo. Ikiciro cya mbere cyari kirimo ibibazo bisaba kuvuga niba amagambo bahawe mu nteruro ari izina ntera cyangwa izina rusange. Ikiciro cya kabiri cyari kirimo ibibazo byo gusubiza bandika, ndetse harimo n'ikindi cyo kuvuga "yego" cyangwa "oya". Ibi bibazo byose byabajijwe hagamijwe kumenya niba abarimu basobanukiwe n'inshoza ndetse n'imikoreshereze by'izina ntera mu nteruro. Ikindi kandi, hifuzwaga kumenya ubwoko bw'ibitabo byifashishwa n'abarimu iyo bigisha izina ntera, ndetse n'ibitabo by'ubushakashatsi baja baha abanyeshuri ngo bifashishe mu myigire yabo bitari ibitabo mfashanyigisho, kuko integanyanyigisho ishingiye ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya yimakaza umuco wo gukora ubushakashatsi.

4.3.1. Ikiciro cya mbere k'ibibazo n'uko byasubijwe

Mu kiciro cya mbere kigizwe n'ikibazo kimwe, kibaza ubwoko bw'amagambo yatanzwe, ariko umwarimu akaba yarasabwaga guhitamo hagati y'izina ntera n'izina rusange.


- a) Nge ndabona uyu mwana w'umugoyi yambaye umwenda w'umutirano kandi ni inyangamugayo cyane.

Mu gusubiza iki kibazo, abarimu 21 bavuze ko “umugoyi” ari izina ntera, naho 9 bavuga ko ari izina rusange. Abarimu 21 bangana na 70% ni bo bashoboye kuvuga ukuri, kuko iri jambo ryabajijwe ryari izina ntera. Abavuze ko ari izina rusange ni 9 bangana na 30%, bashobora kuba baraketse ko ririya jambo “umugoyi” rivuga se cyangwa nyina w’umwana, atari umwana wavugwaga mu nteruro. Ishusho ikurikira igaragaza ubwoko bw’ijambo bwahawe ijambo ryabajijwe.



Ish 1: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “umutirano”


Ijambo “umutirano”, 23 bangana na 76.7% bavuze ko ari “izina ntera”. Aba ni bo bavuze ukuri naho 7 bangana na 23.3% bavuga izina rusange, bashobora kuba badasobanukiwe neza n’inshoza y’izina ntera.



Ish 2: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “inyangamugayo”

Ku ijambo “inyangamugayo”, 12 bangana na 40% bavuze ko ari izina ntera, ni na bo bonyine bavuze ukuri, naho 18 bangana na 60% bavuga ko ari izina rusange. Bigaragara ko abatarabashije gutanga igisubizo kiri cyo ari bo benshi,

byumvikana ko ubu bwoko bw'ijambo butamenyerewe mu nshoza y'izina ntera. Ishusho ikurikira irabigaragaza.




Ish 3: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “inyangamugayo”

Muri iyi nteruro ya mbere, izina ntera ryashubijwe ku kigero cya 62.2%, naho izina rusange risubizwa ku kigero cya 37.8%. Bigaragara ko izina ntera ritumvikana neza, kuko haracyagaragaramo kuryitiranya n'izina rusange ku kigero cya 37.8%, kandi iki kigereranyo ni kinini.


- b) Amatarasi y'indinganire, ibikorwa bya kijyambere ndetse n'uturima tw'igikoni byatumye abana b'abanyarwanda bakira imirire mibi.

Mu gusubiza iki kibazo ku magambo “indinganire” na “kijyambere”, 16 bangana na 53.3% bavuze ko ari izina ntera, kandi ni cyo gisubizo kizima, naho 14 bangana na 46.7% bavuga ko ari izina rusange. Bigaragara ko izina rusange n'izina ntera bikitiranwa ku kigero cyo hejuru, ariko cyane cyane kuri iyi sura y'izina ntera.



Ish 4: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “indinganire/kijyambere”

Ku ijambo “abanyarwanda”, 18 bangana na 60% bavuze ko ari izina ntera, ari na cyo gisubizo cya nyacyo, naho 12 bangana na 40% bavuga izina rusange, ari igisubizo kitari cyo.




Ish 5: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “abanyarwanda”

Muri iyi nteruro, amagambo abiri abanza yasubijwe ku rwego rumwe, ni yo mpamvu twagaragaje ibisubizo inshuro imwe gusa, ariko bigaragara ko hakiriho kwitiranya izina ntera n’izina rusange, ibi bikaba bigaragara no ku ijambo rya gatatu.

- c) Igikamyo cya rukururana kigeze ku biro bya gasutamo kikoreye inzugi z’ibyuma.

Kuri iyi nteruro, ijambo “rukururana”, 16 bangana na 53.3% bavuze ko ari izina ntera, ni na cyo gisubizo kiri cyo, naho 14 bangana na 46.7% bavuga ko ari izina rusange, iki gisubizo kikaba gifuye.



Ish 6: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “rukururana”

Ku ijambo “ibyuma”, 15 bangana na 50% bavuze izina ntera ari cyo gisubizo kiri cyo, abandi 15 na bo bangana na 50% bavuga izina rusange, igisubizo kitari cyo. Aha hagaragaye iyitiranya ry’izina ntera n’izina rusange cyane, byumvikana ko inshoza y’izina ntera igifite imbogamizi mu myigishirize.




Ish 7: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “ibyuma”

Muri iyi nteruro, harongerera kugaragaramo ukwitiranya izina ntera n'izina rusange, noneho ku ijambo rya kabiri ho bikaba akarusho kuko abashubije “izina ntera” bangana n'abashubije “izina rusange”.


- d) Abato imbere, abakuru inyuma, abagufi na bo baze mbere y'abanini muri iki cyumba turimo.

Kuri iki kibazo, ku ijambo abato, 22 bangana na 73.3% bavuze ko ari izina ntera, naho 8 bangana na 26.7% bavuga ko ari izina rusange.




Ish 8: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “abato”

Ku ijambo “abakuru”, 21 bangana na 70% bavuze izina ntera, naho 9 bangana na 30% bavuga izina rusange.



Ish 9: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “abakuru”

Ku ijambo “abagufi” no ku ijambo “abanini”, 23 bangana na 76.7% bavuze izina ntera, naho 7 bangana na 23.3% bavuga izina rusange.




Ish 10: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “abanini”

Ubwoko bw’amagambo bwabajijwe muri iyi nteruro bwashubijwe muri ubu buryo: izina ntera ryasubijwe ku kigero cya 74.1%, naho izina rusange risubizwa ku kigero cya 25.9%. Twibuke ko tugendeye ku byavuzwe mu nyandiko z’ubushakashatsi ndetse n’ibitabo mfashanyigisho byifashishijwe muri ubu bushakashatsi, ibisubizo byombi byatanzwe ku magambo yabajijwe muri iyi nteruro ni byo. Aha ariko turareba icyabaye cyo kurusha ikindi, ari cyo “izina ntera”, kuko byagaragaye ko ntera yafashe indomo ikitwa izina ntera. Ibi bivuga ko iyi nshoza ari yo izwi cyane kuruta indi.


- e) Imodoka z’ingande, terefone z’inshinwa ndetse n’ingoma z’indundi byose birakomera.

Ku ijambo “ingande”, 18 bangana na 60% bavuze izina ntera, naho 12 bangana na 40% bavuga izina rusange.




Ish 11: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “ingande”

Ku ijambo “inshinwa”, 17 bangana na 56.7% bavuze izina ntera, naho 13 bangana na 43.3% bavuga izina rusange.



Ish 12: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “inshinwa”

Ku ijambo “indundi”, 19 bangana na 63.3% bavuze izina ntera, naho 11 bangana na 36.7% bavuga izina rusange.




Ish 13: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “indundi”

Amagambo “ingande, inshinwa n’indundi” yashubijwe ku kigereranyo cya 60% ku izina ntera, iki kikaba ari cyo gisubizo kiri cyo, naho 40% ku izina rusange, kikaba ari igisubizo kitari cyo. Ibi biracyagaragaza ko kwitiranya izina ntera ritari ntera yafashe indomo n’izina rusange bikomeje kugaruka cyane.


f) Yoroye ihene z'inshashi, urukwavu rw'urugabo, imbwa y'umuguta ndetse n'imfizi y'ingurube.

Ku ijambo “inshashi”, 24 bangana na 80% bavuze izina ntera, ari na cyo gisubizo cy’ukuri, naho 6 bangana na 20% bavuga izina rusange, ibi bikaba atari ukuri.




Ish 14: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “inshashi”

Ku ijambo “urugabo”, 23 bangana na 76.7% bavuze izina ntera, ari cyo gisubizo cy’ukuri, naho 7 bangana na 23.3% bavuga izina rusange, igisubizo kitari ukuri.




Ish 15: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “urugabo”

Ku ijambo “umuguta”, 17 bangana na 56.7% bavuze izina ntera, igisubizo cy’ukuri, naho 13 bangana na 43.3% bavuga izina rusange, igisubizo kitari cyo.



Ish 16: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “umuguta”

Ku ijambo “ingurube”, 14 bangana na 46.7% bavuze izina ntera, ari cyo gisubizo cya nyacyo, naho 16 bangana na 53.3% bavuga izina rusange, kikaba ari igisubizo kitari cyo.




Ish 17: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “ingurube”

Amagambo “inshashi, urugabo, umuguta n’ingurube” yahawe ubwoko ku kigereranyo cya 65% ku izina ntera, ari na cyo gisubizo cya nyacyo, na 35% ku izina rusange, ari igisubizo kitari cyo. Biragaragara ko izina ntera riteye nk’izina nyakimwe rikitiranywa n’izina rusange cyane.


- g) Mu magambo y'urucantege ntiwantereranye, mu ntambara z'urudaca wabanye nange, mu mvura y'amahindu waranyugamishije, ku zuba ry'igikatu wambereye inshuti y'imena, sinzakwibagirwa.

Muri iyi nteruro, ku ijambo “urucantege”, “urudaca” no ku ijambo “amahindu”, 18 bangana na 60% bavuze izina ntera, iki kikaba ari cyo gisubizo kiri cyo, naho 12 bangana na 40% bavuga izina rusange, igisubizo kitari cyo.




Ish 18: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “urucantege, urudaca, amahindu”

Ku ijambo “igikatu”, 17 bangana na 56.7% bavuze izina ntera, igisubizo kiri cyo, naho 13 bangana na 43.3% bavuga izina rusange, igisubizo kitari cyo.



Ish 19: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “igikatu”

Ku ijambo “imena”, 19 bangana na 63.3% bavuze izina ntera, igisubizo cya nyacyo, naho 11 bangana na 36.7% bavuga izina rusange, igisubizo kitari cyo.



Ish 20: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “imena”

Mu kugaragaza ubwoko bw’amagambo yabajijwe ari yo “urucantege, urudaca, amahindu, igikatu n’imena”, izina ntera ryavuzwe ku kigero cya 60% ari cyo gisubizo cya nyacyo, naho izina rusange rivugwa ku kigero cya 40%, akaba ari igisubizo kitari cyo.


h) Aba barimu b'indashyikirwa ni intore z'intajorwa zitari intoraguramayugi.

Kuri iyi nteruro, ku ijamba indashyikirwa igisubizo kiri cyo “izina ntera” ndetse n'ikitari cyo “izina rusange” byanganyije ibisubizo, kuko byombi byasubijwe ku kigero kingana, nk'uko bigaragara mu ishusho ikurikira.




Ish 21: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “indashyikirwa”

Ku ijambo “intajorwa”, 16 bangana na 53.3% bavuze izina ntera, igisubizo kiri cyo, naho 14 bangana na 46.7% bavuga izina rusange, igisubizo kitari cyo.



Ish 22: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “intajorwa”

Ku ijambo “intoraguramayugi”, 11 bangana na 36.7% bavuze izina ntera, igisubizo kiri cyo, naho 19 bangana na 63.3% bavuga izina rusange, igisubizo kitari cyo.




Ish 23: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “intoraguramayugi”

Muri iyi nteruro, amagambo “indashyikirwa, intajorwa n’intoraguramayugi” yavuzweho muri ubu buryo: 46.6% izina ntera, ari cyo gisubizo kiri cyo, naho 53.4% izina rusange, igisubizo kitari cyo. Bigaragara ko izina ntera riteye nk’izina ry’urusobe ritaracengera cyane, kuko rikitiranywa n’izina rusange ku kigero cyo hejuru. Ariko tunibuka ko mu rujijo ruturuka ku kugenera ruzanwa n’ikinyazina ngenera ndetse n’izina ntera, iki gisubizo turi kwita ko kitari cyo cyagombaga kuba ari cyo igihe iyi nteruro yari kuba ivuga “*abarimu bigisha abanyeshuri bitwa indashyikirwa*”, “*intore zibarirwa mu mutwe witwa intajorwa zitabarizwa mu mutwe witwa intoraguramayugi*”.


- i) Ishati z'umutuku n'iz'umweru zandura kimwe n'iz'ubururu.

Muri iyi nteruro, ku ijambo “umutuku”, 20 bangana na 66.7% batanze igisubizo kiri cyo “izina ntera”, abandi 10 bangana na 33.3% batanga igisubizo kitari cyo “izina rusange”.



Ish 24: Uko abarimu bavuze ubwoko bw'ijambo “umutuku”

Ku ijambo “umweru” n’ijambo “ubururu”, 21 bangana na 70% bavuze izina ntera, igisubizo cya nyacyo, naho 9 bangana na 30% bavugaga izina rusange, igisubizo kitari cyo.



Ish 25: Uko abarimu bavuze ubwoko bw’ijambo “umweru, ubururu”

Muri iyi nteruro, amagambo “umutuku, umweru n’ubururu” yiswe izina ntera ku kigereranyo cya 68.8% ndetse yitwa izina rusange ku kigereranyo cya 31.2%. Aha rero, aya magambo ntiyari akwiye kwitiranwa n’izina rusange, kuko nta rujijo ruzamo mu kugenera, biba byumvikana ko izina ryavuzwe ari ryo rifite ibara riri kuvugwa. Bigaragaza ko inshoza ihabwa izina ntera ntacyo ivuga ku izina ntera rivuga ibara.

Ikigaragara ni uko amazina avuga ibara, ntera yafashe indomo ndetse n’amazina avuga igihugu ikivugwa gikomokamo ari yo masura y’izina ntera amenyerewe, haba ku barimu ndetse no ku banyeshuri (Ariko cyane cyane ku barimu). Ibi bigaragaza ko andi masura y’izina ntera (nk’izina ry’urusobe ndetse n’izina ridafite indomo) atamenyerewe. Ibi bigaragaza ko ibitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri, ari byo byibandwaho cyane mu kwigisha, kuko bigaragaramo ingero nkeya, ndetse n’inshoza zitangwamo zikaba zibogamira cyane ku masura yagaragajwe cyane.

4.3.2. Ikiciro cya kabiri k’ibibazo n’uko cyasubijwe

Muri iki kiciro, harimo ibibazo bisaba umwarimu gusobanura, ndetse hakaba harimo n’ikindi kimwe gisaba guhitamo “yego” cyangwa “oya”.

Ikibazo cya mbere: Ku bwawe, ni gute wasobanura izina ntera? Risobanure utange n’ingero ebyiri.

Ibisubizo by’iki kibazo bigaragazwa muri iyi mbonerahamwe:

Imb 40: Uko abarimu batanze inshoza y'izina ntera

Igisubizo	Umubare w'abagitanze	Ijanisha
Izina ntera ni ijambo rigaragira izina, rikisanisha na ryo , rikarigaragazaho imiterere, inkomoko cyangwa ubwoko.	2	6.6%
Ni izina ribaho ari uko ntera yafashe indomo , cyangwa se izina ryakoresheshwe mu mwanya wa ntera.	2	6.6%
Ni izina rikomoka kuri ntera yafashe indomo cyangwa izina rusange rikoreshejwe mu gusobanura irindi zina.	4	13.3%
Izina ntera ni izina rifite uturemajambo dutatu aritwo indomo, indangateko n'ihicumbi ariko izina ntera ryo usanga rifite igicumbi cya ntera rigahuzwa kandi n'ikinyazina ngenera	5	16.6%
Izina ntera ryisanisha n'izina bijyanye, rigafata indangasano ho inteko, biba byiza iyo ryisanisha mu nteko zose (ariko hari aho bidakunda)	3	10%
Izina ntera nizina rigaragaza imiterere, ingano yaryo n'inkomoko y'iryo zina	4	13.3%
Ni izina risobanura irindi, rivuga ubwoko , inkomoko, ishusho yaryo... rikisanisha na ryo kandi bihujwe n'ikinyazina ngenera .	6	20%
Izina ntera ni ijambo risobanura imyifatire y'izina , ariko bihujwe n'ikinyazina ngenera	1	3.3%
Izina ntera ni izina nyakimwe rivuga inkomoko, ubwoko cyangwa icyo izina rigaragiye gikozwemo .	5	16.6%

Mu kuvuga inshoza y'izina ntera, abarimu bagaragaje ingingo zitandukanye mu nshoza batanze ndetse no mu ngero baziherekeresheje, zifasha kumva icyo izina ntera ari cyo. Izo ngingo ni izi zikurikira:

Kuba izina ntera rigaragira izina (bivuga ko riba riherekeje izina kandi rifite icyo ririvugaho), nk'uko bigaragara mu ngero zikurikira:

Umwana w'**umugoyi**

Umugano w'**umutohera**

Inka y'**ingweba**

Kuba riteye nk'izina nyakimwe cyangwa izina ry'urusobe (bivuga ko riba rifite uturemajambo dutatu cyangwa turenze dutatu), bigaragazwa n'ingero zikurikira:

Inka y'**ingumba**

Ikaramu y'**insirimu**

Imodoka y'**imvaburayi**

Umukobwa w'**umunyacyaro**

Intore y'**intoraguramayugi**

Kuba rihuzwa n'izina rigaragiye hifashishijwe ikinyazina ngenera (bivuga ko hagati yaryo n'izina rigaragiye hajya ikinyazina ngenera kisanishije n'izina rigaragiwe), bigaragazwa n'izi ngero:

Umugore w'**umwana**

Inkono y'**ibumba**

Itafari **rya** rukarakara

Amazi y'**amayenzi**

Kuba ryisanisha n'izina rigaragiye, bigaragazwa n'izi ngero:

Umukobwa w'**umukinnyi**

Ishati y'**imbirigi**

Umwenda w'**umutirano**

Amabuye y'**amaganza**

Urukwi rw'urugurano

Kuba rigaragaza imyifatire, imimerere, imiterere, ingano, inkomoko cyangwa icyo izina rigaragiye gikozwemo, nk'uko tubibona muri izi ngero:

Umwana w'**ingayi** (imyifatire)

Umuko w'**umutohera** (imimerere)

Umusore w'**intarumikwa** (imiterere)

Umwandiko w'**umudandure** (ingano)

Inkweto y'**intariyani** (inkomoko)

Urugi rw'**icyuma** (igikoresho)

Urugo rw'**ibikenyeri** (igikoresho)

Kuba ryisanisha mu nteko zose (ntabwo amazina ntera yose ashobora kwisanisha mu nteko zose, keretse aturuka ku kuba ntera yafashe indomo, cyangwa avuga inkomoko), bigaragazwa mu rugero rukurikira:

Nt1: Umwana w'umugoyi

Nt2: Abana b'abagoyi

Nt3: Umurima w'umugoyi

Nt4: Imirima y'imigoyi

Nt5: Itabi ry'irigoyi

Nt6: Amazi y'amagoyi

Nt7 : Igitanda k'ikigoyi

Nt8: Ibikoresho by'ibigoyi

Nt9 : Inka y'ingoyi

Nt10: Intebe z'ingoyi

Nt11: Urukweto rw'urugoyi

Nt12: Akabati k'akagoyi

Nt13: Utubuto tw'utugoyi

Nt14: Ubwato bw'ubugoyi

Nt15: Ugutwi k'ukugoyi

Nt16: Ahantu h'ahagoyi

Kuba ari ntera yafashe indomo (iki gihe ntabwo iba ikigaragiye izina, ahubwo iba yarisimbuye).

Ibyo bigaragazwa n'izi ngero zatanzwe :

Umwana munini araje. **Umunini** araje.

Abana bato baraje. **Abato** baraje.

Ibintu byiza biri imbere. **Ibyiza** biri imbere.

Abantu bakuru baduha inama. **Abakuru** baduha inama.

Muri izi nshoza ndetse n'ingero z'izina ntera zatanzwe n'abarimu, ntabwo hagaragaramo izina ntera ridafite indomo nk'uko rigaragazwa mu gitabo cyanditswe na Edition Bakame (2010).

Ibikorwa bya **kijyambere** biteza imbere igihugu.

Izindi ngero zishobora kuboneka:

Ibikamyo bya **rukururana** byikoreye imizigo.

Mbonye imodoka ya **rwipakurura** iri kumena amabuye mu kibanza cyacu.

Mu nzira z'ubwiru harimo inzira ya **muhekenyi**.

Ishyamba rya Nyungwe ryuzuyemo ibyatsi bya **kimeza**.

Messi yahawe umupira wa **zahabu** inshuro nyinshi.

Abanyarwanda bakunda kwicara ku ntebe za **rububuta**.

Yaje yambaye igikote cya **gasurantambara**.

Iyi nyundo ya **rumenamabuye** uyikuye he ?

Ikibazo cya kabiri : Ugendeye ku bisobanuro umaze gutanga ku izina ntera, ni iki kikubwira ko ijambo ari izina ntera mu nteruro?

Izina ntera n'izina risanzwe birasa, ari na yo mpamvu kubitandukanya bigora. Iki kibazo rero kigamije kugaragaza impamvu wavuga ko ijambo ari izina ntera, ntuvuge ko ari izina rusange cyangwa ikinyuranyo. Ibisubizo byatanzwe bikubiye muri iyi mbonerahamwe:

Imb 41: Uburyo abarimu bagaragaje impamvu ituma bavuga ko ijambo ari izina ntera

Igisubizo cyatanzwe	Umubare w'abagitanze	Ijanisha
Ikimbwira ko ari izina ntera ni uko riba ryisanishije n'iryo risobanuye kandi bihujwe n'ikinyazina ngenera.	6	20%
Ni uko riba rigaragaza imiterere, inkomoko cyangwa ubwoko by'izina rigaragiye, bigahuzwa n'ikinyazina ngenera. Hari n'ubwo izina ntera riba ari ntera yafashe indomo.	3	10%
Ni uburyo ryakoreshejwe mu nteruro, iyo rigaragiye izina rikarisobanura	2	6.6%
Ikibimbwira ni uko iryo jambo riba rivuga inkomoko y'izina rigaragiye	3	10%
Ni uko itangizwa n'indomo	1	3.3%
Iyo mbonye rivuga inkomoko imiterere, aho akoreshwa nk'imfutuzi	1	3.3%
Iyo ntera yafashe indomo	9	30%
Indemeko n'imikoreshereze	3	10%
Mu nteruro, ni uko rishobora guhagararira ruhamwa rifite igicumbi cya ntera kandi rikisanisha n'andi magambo biri kumwe.	1	3.3%
Imiterere yaryo ubwaryo n' amagambo arigaragiye	1	3.3%

Ingingo zavuzweho mu nshoza, ni na zo zigarutsweho mu mpamvu ituma ijamba riba izina ntera. Izo ingingo ni ukuba ntera yafashe indomo, kuba izina ntera rigaragira izina rikarisobanura rivuga imimerere, imiterere, inkomoko, ndetse no kuba izina ntera rihuzwa n'izina rigaragiye hifashishijwe ikinyazina ngenera. Igikomeje kugaragara ni uko inshoza yo kuba izina ntera ari ntera yafashe indomo yamaze kwinjira mu barimu ko ari ryo zina ntera, izindi nshoza ziza nk'inyongera.

Ikibazo cya gatatu: Ni iki ugenderaho ugena ubwoko bw'amagambo mu Kinyarwanda?

Iki kibazo kigamije kureba niba ibyitabwaho mu kugena ubwoko bw'amagambo bihari, bizwi cyangwa se buri mwarimu yishakishiriza ingingo zishyigikira impamvu yahaye ijamba ubwoko runaka. Ibi bigaragazwa n'iyi mbonerahamwe:

Imb 42: Uko abarimu bagaragaza icyo baheraho bagena ubwoko bw'amagambo


Igisubizo cyatanzwe	Umubare w'abagitanze	Ijanisha
Indemeko n'imikoreshereze	12	40%
Ngendera ku igoragoza n'ubuhinduke.	2	6.6%
Hagenderwa ku byiciro byayo	1	3.3%
Ngendera ku buryo nabyizemo	3	10%
Mu kugena ubwoko bw'amagambo ngendera ku ndemeko yayo cyangwa ku mumaro afite mu nteruro.	7	23.3%
Ngendera kuba ijamba ubwaryo narigoragoza, bityo hazamo impinduka nkabona kureba aho ndishyira. Nshobora no kurishakira intego.	1	3.3%
Manza kureba itsinda nyantego iryo jambo riherereyemo.	1	3.3%
Ugendera ku magambo afite uturango dusa/duhuye ndetse n'uburyo amagambo akoreshwa kimwe.	1	3.3%
Ugendera k'uko yakoreshejwe mu nteruro, kandi ubwoko bw'amagambo burazwi	1	3.3%
Ku byo abashakashatsi bagaragaje	1	3.3%

Mu kugena ubwoko bw'amagambo mu Kinyarwanda, abarimu bagaragaza ko bagendera ku bintu byinshi, ariko iby'ingenzi ni indemeko, imikoreshereze ndetse no ku mumaro amagambo aba afite mu nteruro. Ubwoko bw'amagambo burazwi, kuko bwagaragajwe n'abashakashatsi, na bo bagendeye ku mpamvu zavuzwe.

Bizimana (1998) avuga ko mu kugena amoko y'amagambo yita ku bintu bitatu ari byo: indemeko, inshoza n'umumaro. Ni we wagaragaje ko iyo ntera yafashe indomo ihita isimbura ijambo riyigenga. (Op Cit: 175) Ntera yafashe indomo ihinduka izina. (Kabayiza et al 2010), (Nsanzabiga & Twilingiyimana 2015)

Ikibazo cya kane: Ukurikije uko ubibona, mbese abanyeshuri wigisha basobanukiwe n'inshoza y'izina ntera?

Iki kibazo cyari kigamije kugaragaza niba abanyeshuri basobanukiwe n'inshoza y'izina ntera, hakurikijwe uko abarimu basobanura inshoza y'izina ntera, maze 12 bangana na 40% basubiza “yego” naho 18 bangana na 60% basubiza “oya”.



Ish 26: Uko abarimu bagaragaje niba abanyeshuri bumva inshoza y'izina ntera

Umubare munini ni uw'abavuze ko abanyeshuri badasobanukiwe n'inshoza y'izina ntera. Ibi bikanongera kugaragazwa n'uburyo abanyeshuri basubije ibibazo babajijwe ku izina ntera ndetse n'imikoresherezwe yaryo mu nteruro. Nk'uko bigaragara mu bitabo mfashanyigisho, usanga ku nshoza y'izina ntera hagaragaramo inshoza ebyiri, imwe ivuga ko izina ntera ari ntera yafashe indomo Murera et al (2017), Kimenyi & Hakorimana (2017), ndetse rikongera rikanaba izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe rivuga inkomoko, igihugu cyangwa igikoresho ikivugwa gikozwemo. Iyi nshoza ya kabiri yo ntigaragara mu gitabo cyateguriwe umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye.

Ikibazo cya gatandatu : Andika nibura bibiri mu bitabo wifashisha uri kwigisha, ukuramo ibyo wigisha mu kibonezamvugo, warangira abanyeshuri ngo babyifashishe biyungura ubumenyi mu kibonezamvugo k'Ikinyarwanda.

Ibi bibazo byabajijwe kugira ngo abarimu bagaragaze ibitabo biboneka ku mashuri bigishamo (dore ko habajijwe abarimu bigisha ku bigo bitandukanye byo mu gihugu), abanyeshuri bashobora kwifashisha cyangwa kubona maze bakigiramo ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, cyane ubwoko bw'amagambo bubarizwamo n'izina ntera.

Birashoboka ko ibitabo byagaragajwe mu bisubizo by'abarimu, biboneka mu masomero y'amashuri bigishaho, cyangwa se bimwe bikaba bifitwe n'abarimu ku giti cyabo, ariko babyifashisha ndetse bakaba banabitiza abanyeshuri.

Mu bisubizo byatanzwe rero hagaragaramo ibitabo biri mu byiciro bibiri :

Ikiciro cya mbere kirimo ibitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, guhera mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatandatu.

Ibi bitabo kandi birimo ibyiciro bitatu. Hari byateguriwe ikiciro rusange, byateguriwe ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye mu mashuri atari ay'indimi, ndetse n'byateguriwe ikiciro cya kabiri mu mashuri y'indimi.

Ikiciro cya kabiri kirimo ibitabo by'ubushakashatsi bitatu byanditswe ku kibonezamvugo. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza uburyo abarimu bagaragaje ibyiciro byombi by'ibitabo bifashisha mu kwigisha ikibonezamvugo.

Imb 43: Ibitabo by'ikibonezamvugo byifashishwa

Igitabo	Umubare w'abakivuze	Ijanisha
Bizimana Simoni (1998). Imiterere y'Ikinyarwanda. Igitabo cya I	15	25%
Edition Bakame (2010). Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye.	15	25%
RALC (2019) Ikibonezamvugo.	3	5%
Ibitabo mfashanyigisho by'Ikinyarwanda byateguriwe amashuri yisumbuye	27	45%

Ikigaragara ni uko ibitabo mfashanyigisho ari byo biboneka cyane mu mashuri kuruta ibitabo by'ubushakashatsi.

Ibi bitabo mfashanyigisho byatanzwe n'abarimu, ni na byo byifashishijwe mu gutegura ibitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri. Bivuga ko amakuru bitanga ari na yo yashyizwe mu bitabo mfashanyigisho, hiyongeyeho agakeregeshwa k'abagize uruhare mu gutegura ibyo bitabo byifashishwa mu mashuri. Aba bagize uruhare mu kubitegura na bo bifashishije ibitabo byifashishijwe n'abashakashatsi banditse ibitabo bibiri by'ubushakashatsi byagaragajwe.

4.4. Impaka ku byavuye mu bushakashatsi

Ikibazo cya mbere cy'ubu bushakashatsi gishingiye ku nshoza zihabwa izina ntera, ndetse n'uburyo zituma ryumvikana mu ishuri. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko izina ntera ritumvikana tugendeye ku byo abanyeshuri basubije ndetse n'ibyo abarimu bagaragaje.

Tuvuze ko izina ntera ari ntera yafashe indomo, kubera ko ari byo bivugwa cyane mu bitabo mfashanyigisho, birumvikana cyane kuko iyi nshoza itanagoye kuyisobanura mu gihe umwarimu amaze gusobanura icyo "ntera" ari cyo, ndetse n'imikoreshereze yayo mu nteruro. Urujijo rugaragarira mu gitabo cya Kabayiza et al (2010), aho ku rupapuro rwa 64 bagaragaza ko iyo ntera ifashe indomo ihinduka izina, ndetse no mu gitabo cya Bizimana (1998) ntibagaragaze ko ntera yafashe indomo ihinduka izina ntera, kandi ibi bitabo bikaba byarifashishijwe mu gutegura ibitabo mfashanyigisho bikoreshwa mu mashuri.

Ikindi ni uko iyo ntera ifashe indomo ihita isimbura izina yari igaragiye, ku buryo uramutse ubonye ubwo bwoko bushya bw'ijambo (ntera yafashe indomo) bwonyine (ritari mu nteruro), wahita wibaza ikiri kuvugwaho imimerere cyangwa imiterere iri kugaragazwa n'igicumbi rifite. Ibyo iri zina ntera riba rivuga ntibifututse, bigerageza kumvikana iyo iryo zina ntera riri mu nteruro.

Kuvuga ko izina ntera riteye nk'izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe, na byo bifite ikibazo, kuko ari izina nyakimwe n'izina ry'urusobe yombi ni amazina. Aha umunyeshuri yakeka ko ari ibintu bibiri bitandukanye, kandi ari izina rimwe rishobora kuba rigufi cyangwa rirerire. Mu moko y'amazina dusangamo

amazina atuzuye ndetse n'ayuzuye ari yo dusangamo amazina asanzwe, amazina y'inyunge n'amazina y'intandukiro (Bizimana S 1998:150-175).

Kuvuga ko izina ntera rihuzwa n'izina rigaragiye hifashishijwe ikinyazina ngenera, na byo bifite ingorane bizana, kuko mu nshoza n'umumaro w'ikinyazina ngenera hatabonekamo guhuza izina n'izina ntera, ahubwo gishobora no guhuza amazina abiri (cyangwa amagambo abiri), rimwe ari irigenerwa irindi ari ikigenwa. Bisobanura ko inshoza itavugwa mu mumaro w'ikinyazina ngenera, ikaza kuvugwa ku izina ntera gusa, na yo iteye ikibazo.

Kuvuga ko izina ntera ryisanisha n'izina rigaragiye cyangwa risobanura na byo biteye ikindi kibazo mu nshoza y'izina ntera, kuko byagaragaye ko buri gihe izina ntera ritisanisha n'izina risobanura.

Ikibazo cya kabiri cy'ubu bushakashatsi gishingiye ku buryo abashakashatsi batanze inshoza y'izina ntera. Turebeye ku bivugwa na Bizimana (1998), tukanareba ibivugwa na Kabayiza et al (2010), tukanareba ibyanditswe mu bitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, dusanga ingorane zagaragajwe haruguru ari ho zituruka, kuko izi nyandiko zose zidahuriza ku nshoza imwe, ndetse n'izo zivuga ntizizisobanure neza ku buryo umunyeshuri ava mu rungabangabo.

Usanga mu mwaka wa mbere havugwamo izina ntera rituruka kuri ntera yafashe indomo gusa, wagera mu mwaka wa kane w'amashami y'indimi, igitabo mfashanyigisho cyateguriwe imyaka ya kane ugasanga bavuga iryavuzwe mu mwaka wa mbere bakongeraho indi nshoza, ndetse n'ingero zishyigikira ibyo bavuze, ariko zigaragaza amazina ntera yisanisha n'amazina agaragiye, wagera mu mwaka wa kane mu mashami atari ay'indimi ugasanga baravuga nk'ibyavuzwe ariko bo bakanongeramo ingero z'amazina ntera atisanisha n'amazina agaragiye. Aba bashakashatsi bese ntabwo babashije gutanga umurongo uhamye ufasha gusobanura inshoza y'izina ntera, ari na yo mpamvu itumvikana.

4.4.1. Uko abanyeshuri bumva inshoza y'izina ntera

Nk'uko byagaragaye mu isesenguramakuru, tugendeye ku bisubizo byatanzwe n'abanyeshuri, twasanze inshoza y'izina ntera izwi cyane ari "ntera yafashe indomo". Iyi nshoza ni yo yumvikanye cyane, kubera ko yo yoroshye kuyifata

no kuyibonera ingero, igihe cyose umunyeshuri azi imiterere n'imikoreshereze ya ntera mu nteruro. Iyo rero umunyeshuri asomye igitabo mfashanyigisho agasangamo amakuru yo kuri iyi nshoza avuga ko izina ntera ari "ntera yafashe indomo" cyangwa izina nyakimwe rigaragira izina rikarigaragazaho imimerere, imiterere cyangwa inkomoko, birumvikana ko ahita afata inshoza yoroshye, kandi ni iriya ivuga ko ari ntera yafashe indomo. Ni na byo byagaragajwe mu bisubizo byatanzwe mu kibazo cyabajijwe kirimo ntera zafashe indomo, aho 52 bangana na 90% bagaragaje ko ntera yafashe indomo ari izina ntera. Uyu mubare ungana gutya ntabwo wigeze uboneka ku yindi nshoza y'izina ntera.

4.4.2. Uko abarimu bumva inshoza y'izina ntera

Ibyavuye mu bushakashatsi byatugaragarije ko abarimu bo batandukanye n'abanyeshuri, kuko bo izi nshoza zombi zihabwa izina ntera bagerageza kuzishyira ku rwego rumwe, kuko bo bashobora gusesengura amakuru bahabwa mu bitabo mfashanyigisho ndetse n'ari mu bitabo by'ubushakashatsi. Ibi bigaragazwa cyane n'ibisubizo batanze kuri ntera yafashe indomo, kuko 74.1% bavuze ko ari izina ntera, naho 25.9% bavuga ko ari izina rusange. Ibi kandi ntibyatuma tuvuga ko bazi neza inshoza y'izina ntera, kuko inshoza zombi zigaragazwa mu bitabo mfashanyigisho, ndetse no mu bitabo by'ubushakashatsi, bisobanura ko ibisubizo byombi byatanzwe ari byo, tugendeye ku bitabo byose bivuga ku nshoza y'izina ntera.

4.4.3. Igituma inshoza y'izina ntera ikomeza kudasobanuka

Inshoza ebyiri zihabwa izina ntera zituma rirushaho kutumvikana. Inshoza zihabwa izina ntera mu mwaka wa Kane w'amashuri yisumbuye mu mashami y'indimi igira iti "*Izina ntera akenshi rirangwa no kuba ari ntera iba yafashe indomo. Cyakora hari n'amazina ntera y'andi moko atandukanye:amazina ntera afite imiterere y'izina nyakimwe ariko akagira umumaro nk'uw'izina ntera mu nteruro, amazina ntera afite imiterere nk'iy'amazina y'urusobe n'amazina ntera akomoka ku nshinga*".

Iyi nshoza kandi yiyongeraho inshoza ivugwa mu mwaka wa Kane w'amashami atari ay'indimi igira iti "*Izina ntera ni izina ryitwara nka ntera risobanura irindi zina rikarivugaho imimerere cyangwa imiterere. Izina ntera kandi ni izina ribyawe na ntera yafashe indomo igasimbura izina igaragiye.*"

Ibi ni byo bituma abarimu ndetse n’abanyeshuri batabasha gusobanukirwa n’inshoza y’izina ntera, kuko mu gitabo cyateguriwe umwaka wa Mbere w’amashuri yisumbuye bavuga inshoza imwe gusa, ari yo “ntera yafashe indomo”, ariko iyi nshoza ivuguruzwa mu bitabo by’ubushakashatsi ari byo icyanditswe na Bizimana (1998), icyanditswe na Kabayiza et al (2010) ndetse n’icya Nsanzabiga & Twilingiyimana (2015), bavuga ko ntera yafashe indomo ihita ihinduka izina, ahubwo inshoza baha izina ntera ikaba ari yo ivugwa muri biriya bitabo twavuze haruguru byateguriwe imyaka ya Kane y’amashuri yisumbuye, bigaragara ko abateguye ibi bitabo batashoboye gufata umwanzuro ngo bahagarare ku ruhande rumwe.

4.4.4. Ubusesenguzi kuri ntera yafashe indomo

Iyo twitegereje imikoreshereze ya ntera yafashe indomo mu nteruro, dusanga ikora umurimo umwe n’uwo izina (rusange) rikora. Iki gihe umumaro wayo mu nteruro uba umeze nk’uw’izina risanzwe,, akaba ari na yo mpamvu usanga abashakashatsi bamwe bavuga ko ari izina. Bivugwa na Kabayiza et al (2010). Ibi ni na byo bivugwa na Nsanzabiga & Twilingiyimana (2015) bagira bati: “...iyo ntera ihawe indomo ihinduka izina, bityo igatanga amasano nk’izina”.

Kugira ngo bisobanuke neza, reka dufate ingero zikurikira:

Umuntu munini. *Umunini* ntashobora kugenda urugendo rurerure.

Iyo turebye ririya zina “umunini”, tumenya ko ari umuntu iyo tugeze kuri kiriya gice gisigaye “*ntashobora kugenda urugendo rurerure*”. Bingana no kuvuga ngo:

Umurwayi ntashobora kugenda urugendo rurerure.

Umugore ntashobora kugenda urugendo rurerure.

Umwana ntashobora kugenda urugendo rurerure.

Hari n’izindi ngero z’amazina ntera yo muri ubu bwoko yamenyerewe nk’aho ari amazina rusange.

Twavugamo nka:

Ubwinshi bwabo butuma urusaku rwiyoungera.

Shyira izi nteruro mu **bwinshi**.

Abenshi bamaze gutanga ubwisungane mu kwivuza, hasigaye bake.

Ubuto burashukana.

Uriya mukobwa afite **ubwiza** ntagereranwa.

Bamwangira **ububi** bwe.

Ikibi tucyamagane, naho ikiza tugikomeze.

Ko nkubona mu bwana, mu **bukuru** uzaba umeze ute?

Uhitemo **inziza** kuruta izindi.

Kiriziya yizihiza iminsi y' **abatagatifu**.

Tugiye kwiga ingero z' **uburebure** n'iz' **ubunini**.

Ubugari bwa kiriya kiyaga butuma tutacyambuka.

Mu nteko ya 14 ho ushobora kubyitiranya n'izina ryaturutse kuri ntera kandi atari byo.

Ubuto: (kuba umuntu ari muto cyangwa amavuta)

Umusa: umutobe musa cyangwa intama)

Hari igihe usanga ubu bwoko bw'izina bwakomotseho izina bwite.

Agato : Gato aritonda.

Umunini : Rwankuye iwacu runzana iwanyu ku **Munini**.

Umuremure : Ngiye ku **Muremure**

Ubwiza : Uyu mukobwa ni **Bwiza** bwa Mashira. Tugendeye ku bisobanuro tumaze gutanga haruguru, bigaragara ko ntera yafashe indomo ari izina rusange, atari izina ntera. Ni na yo mpamvu rikwiye kwigishwa mu bundi bwoko bw'amazina, kuko usanga hari amazina akomoka ku nshinga n'akomoka ku mazina. Isomo ry'ikomorazina ribumbye ikomorazina mvazina n'ikomorazina

mvanshinga rikwiye kongerwamo izina rikomoka kuri ntera, bikigwa nk'ikomorazina mvantera.

4.4.5. Inshoza y'izina ntera ibangikanywa na ntera yafashe

indomo

Nk'uko byavuzwe na Bizimana (1998), Kabayiza et al (2010), izina ntera ni *“Ijambo riteye nk'izina bigatandukanywa n'uko ridashingirwaho isanishantego, ahubwo risobanura ijambo riherekeje cyangwa ryasimbuye. Byongeye kandi rishobora gukoreshwa mu nteko nyinshi. Rivuga ubwoko, akarere cyangwa igihugu ikivugwa kibamo. Hagati y'izina ntera n'ijambo risobanura hajya ikinyazina ngenera cyangwa inshinga ni cyangwa si”*.

Byagaragaye ko iyi nshoza ari yo imenyerewe, nk'uko twabibonye mu bisubizo byatanzwe n'abanyeshuri ndetse n'ibyatanzwe n'abarimu, ariko iyi nshoza igaragaramo ingingo ziteye urujijo, ari na yo mpamvu ituma iri jambo ritumvikana. Izo ngingo ni izi zikurikira :

- a) Kuba izina ntera ari ijambo riteye nk'izina ariko ridashingirwaho isanishantego

Ibi bituma umuntu yibaza niba izina ntera ari ijambo ritandukanye n'izina ariko bikaba biteye kimwe.

Kuri iyi ngingo, ntibyari bikwiye ko dukomeza kuvuga gutyo, ahubwo dukwiye guhindura tukavuga ko izina ntera ari izina, ibyo kudashingirwaho isanishantego bikavamo. Ibi byatuma abanyeshuri ndetse n'abarimu basobanukirwa neza ko izina ntera atari ijambo rifite utundi turango, ahubwo ko ari izina ryakoreshejwe rifite intego yo gusobanura izina rigaragiye, bityo ryaba ritagaragiye rikaba ari izina nyine.

- b) Kuba izina ntera risobanura ijambo riherekeje cyangwa ryasimbuye.

Ibi na byo bituma umuntu yibaza ijambo riba ryasimbuwe iryo ari ryo, cyangwa se agakeka ko ari ya ntera yafashe indomo iba yasimbuye izina, kandi yo ari izina. Kuvuga ko risobanura izina ryasimbuye na byo byavanwamo.

- c) Kuba izina ntera rishobora gukoreshwa mu nteko nyinshi

Gukoreshwa mu nteko nyinshi ntibikwiye kuba ingingo ishyirwa mu nshoza y'izina ntera, kuko nk'uko twabibonye, hari amazina ntera atisanisha n'amagambo ari gusobanura, bigatuma adashobora kwisanisha mu nteko nyinshi.

- d) Kuba hagati y'izina ntera n'ijambo risobanura hajya inshinga kuba, imvugaruhamwa “ni” cyangwa “si”

Iyi ngingo na yo ntikwiye kuboneka muri iyi nshoza, kuko aya magambo ni yo Bizimana (1998) yita “imvugaruhamwa”, kandi inyuma y'imvugaruhamwa hashobora kujyaho izina iryo ari ryo ryose. Iyi ngingo igumyemo, buri zina ryose ryaba riri inyuma y'imvugaruhamwa (Icyuzuzo ruhamya) ryose ryaba ari izina ntera. Ibi ariko bishobora kuba byo gusa, igihe izina rikurikiye iyi mvugaruhamwa ryaba ryisanisha na ruhamwa (Izina ricirwa igikorwa kiri kuvugwa mu nteruro), kuko Bizimana Simoni we agaragaza izina ntera ryisanisha n'ijambo risobanura gusa.

4.4.6. Umusanzu w'ubu bushakashatsi ku nshoza ikwiye guhabwa izina ntera

Byamaze kugaragazwa ko izina ntera rihabwa inshoza ebyiri, kandi igomba kuba imwe. Inshoza ikurikira ni yo ikwiye guhabwa izina ntera, maze rikarushaho kumvikana kurushaho.

“Izina ntera ni izina risobanura irindi zina bigahuzwa n'ikinyazina ngenera, rikarivugaho imimerere, imiterere, imico cyangwa imyifatire, igikoresho (kifashishijwe), ibara, umurimo (akazi), akarere cyangwa igihugu, bigahuzwa n'ikinyazina ngenera. Izina ntera rishobora kwisanisha mu nteko nyinshi (iyo rivuga igihugu cyangwa akarere) cyangwa nkeya (iyo rivuga ibindi), rishobora kandi kwisanisha n'izina rigaragiye cyangwa ntiryisanishe na ryo. Iyo izina ntera riri ryonyine (ridakoreshejwe mu buryo bumaze kuvugwa) rihinduka izina.”

Nyuma y'iyi nshoza, hakongerwaho ingero zitandukanya ibyo amazina ntera avuga ku mazina agaragiye, ku buryo andi magambo yose akoreshejwe mu buryo izo ngero zakoreshejwe yajya ahita aba amazina ntera. Zimwe muri izo ngero zaba ari izi :

Izina ntera rivuga imiterere cyangwa imimerere (akenshi riba rituruka ku nshinga):

Umuko w'umutohera.

Imigano y'imitohera.

Ibyuma by'ibicurano.

Umukecuru w'umusirimu.

Ifumbire y'imborera.

Umugani w'umugenurano.

Ikamyo ya rukururana

Izina ntera rivuga imico cyangwa imyifatire

Umugabo w'inyangamugayo

Umugore w'umugabo

Intore z'intajorwa

Umwarimu w'indashyikirwa

Abayobozi b'inyangamugayo

Izina ntera rivuga umurimo (akazi):

Umugore w'umuja

Umugabo w'umugaragu

Umusore w'umuganga

Abagabo b'abahanzi

Imodoka y'imbugukiragutabara

Umugabo w'inkeragutabara

Umukobwa w'umuporisi

Izina ntera rivuga inkomoko (igihugu cyangwa akarere):

Ifumbire y'imvaruganda.

Umwana w'**umusindi**.

Inka z'**inyarwanda**.

Terefoni y'**inshinwa**.

Imashini y'**indage**.

Isuka y'**imberuka**

Itabi ry'**irigoyi**

Ibitoki by'**ibiganza**

Urutaro rw'**uruyenzi**

Izina ntera rivuga ibara:

Ishati y'**umweru**.

Urugi rw'**icyatsi**.

Amatara y'**umuhondo**.

Inkweto z'**umukara**.

Ingofero y'**ubururu**.

Izina ntera rivuga igikoresho izina risobanurwa rikozwemo:

Inzugi z'**ibyuma**

Amadirishya y'**ibiti**

Umuhanda w'**igitaka**

Urukuta rwa **sima**

Messi yahawe umupira wa **zhabu** inshuro nyinshi.

4.4.6. Gukura urujijo ruboneka mu mikoreshereze y'izina ntera mu nteruro

Hari igihe gutandukanya izina n'izina ntera bishobora kugorana. Ibi bikunze kugaragara ku mazina avuga abantu (mu nteko ya mbere cyangwa iya kabiri),

ariko ntabwo bikwiye kuba ikibazo kuko n’ubusanzwe izina n’izina ntera bihuje imiterere, bigatandukanira ku mikoreshereze ndetse n’icyo izina rigaragiye (izina ntera) rirenguriraho.

Amazina yose ahujwe n’ikinyazina ngenera, ntabwo byahita bivuga ko iriza inyuma y’ikinyazina ngenera buri gihe ari izina ntera. Nk’uko byavuzwe mu nshoza, riba izina ntera iyo rigaragaza imimerere, imiterere, imico cyangwa imyifatire, igikoresho kifashishijwe, ibara, umurimo cyangwa akazi, akarere cyangwa igihugu.

Biramutse byagenze gutyo (hajemo urujijo), wavuga ko ari izina cyangwa izina ntera, keretse igihe uwatanze interuro yakuyemo urujijo.

Reka twifashishe ingero zikurikira:

Umwana w’**umukinnyi**: Uyu mukinnyi ni nde? Niba ari umwana, iri jambo ni “izina ntera”, ariko niba ari se cyangwa nyina, icyo gihe “umukinnyi” ni izina.

Abahungu b’**inyangamugayo** : Inyangamugayo ni nde ? Niba ari abahungu, iri jambo ni “izina ntera”, ariko niba ari se cyangwa nyina, ni izina.

Umugabo w’**umuhinzi** : Niba ari umugabo uhinga, icyo gihe ni “izina ntera”, ariko niba ari umugore we uhinga, icyo gihe ni izina.

Umugore w’**umwarimu** : Umwarimu ni nde ? Niba ari umugore, icyo gihe ni “izina ntera”, ariko niba ari umugabo we wigisha, ubwo ni izina.

Umwana w’**umusirikare** : Umusirikare ni nde ? niba ari uwo mwana, icyo gihe ni “izina ntera”, ariko niba ari umubyeyi we, icyo gihe ni izina.

Umusozo

Izina ntera ni inshoza igoye kuyisobanukirwa, kuko bisaba guhuza ibintu bibiri ari byo ubwoko bw’amagambo n’imikoreshereze yayo mu nteruro hiyongeyeho umumaro amagambo aba afitiye ayandi mu nteruro. Uko kugorana kw’inshoza gutuma izina ntera ritumvikana nk’uko ayandi magambo ameze.

Izina ntera ni ubwoko bw’ijambo buturuka ku magambo abiri “izina na ntera”, kandi ubwo bwoko bufite imiterere itandukanye, bivuga ko izina ntera rigomba

guhuza iyo miterere hanyuma bwarangiza bukanafata umumaro w'ijambo rimwe, kugira ngo ryuzuze inshingano zaryo.

Muri uku guhuza impande ebyiri, ni ho haturuka kuba izina ntera rigomba kugaragaza imimerere n'imiterere, ibi bikaba binagaragazwa na ntera, ari na ho abashakashatsi bamwe bahera bavuga ko ntera yafashe indomo ari izina ntera, kuko iba igaragaza ibyo ntera igaragaza. Ariko izina ntera ryo ryongera ku byo ntera igaragaza ibindi nk'akarere cyangwa igihugu, ibara n'ibindi.

Ikiyongera kuri ibyo, izina ntera n'izina rigaragiye bihuzwa n'ikinyazina ngenera, ibi bikaba bidakorwa kuri ntera yafashe indomo, kuko yo ntinagaragira izina. Birumvikana ko ntera yafashe indomo atari izina ntera, nubwo ikibarirwa mu moko y'izina ntera.

Nubwo bigaragara ko inshoza y'izina ntera izwi cyane n'abanyeshuri ari ntera yafashe indomo ariko, ntibikwiye gukomeza kuba gutyo, iri jambo rikwiye kwigishwa nk'izina rikomoka kuri ntera, mu ikomorazina mvantera. Birasaba inshoza itagaragaramo iyo ngingo, ndetse n'ingero zishyigikira inshoza nshya, nk'uko byagaragajwe haruguru. Ibi byafasha abanyeshuri kumva neza icyo izina ntera ari cyo, kuko byagaragaye ko ibitabo mfashanyigisho ari byo bituma iyi nshoza ikomeza kugora abanyeshuri ndetse n'abarimu.

UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO N'IBYIFUZO

5.1. Umwanzuro rusange

Ubu bushakashatsi bwakozwe hagamijwe kureba niba inshoza y'izina ntera isobanurwa neza ku buryo abanyeshuri barushaho kuyisobanukirwa. Bwagaragaje uburyo abashakashatsi bayivuze, uburyo abanyeshuri n'abarimu bayifata, ndetse bunagaragaza n'ingamba zikwiye gufatwa kugira ngo irusheho kumvikana neza.

byagaragaye ko ibitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri ari byo bituma inshoza y'izina ntera itumvikana, kuko bikubiyemo inshoza ebyiri kandi zidahuye. Muri ibi bitabo hatangwamo inshoza ivuga ko izina ntera ari ntera yafashe indomo, kandi iyi nshoza ikaba ivuguruzwa n'abashakashatsi banditse ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda, bo bavuga ko ntera yafashe indomo ihinduka izina. Kubera ko iyi nshoza ari yo yoroheye uwamaze kumenya inshoza ya ntera, byatumye abanyeshuri n'abarimu bayifata nk'aho ari yo nshoza y'izina ntera, kandi atari byo.

Ubu bushakashatsi bwagaragaje inshoza y'izina ntera igendanye n'igihe, idatera urujijo ndetse bunatanga ingero ziyishyigikira, kugira ngo umaze kuyisoma arusheho kuyicengerwa.

Kubera ko izina ntera ari izina rigaragira irindi zina rikarisobanura ririvugaho imimerere, imiterere, imico cyangwa imyifatire, igikoresho (ikivugwa gikozemo), ibara, umurimo (akazi), akarere cyangwa igihugu, ibi bivuga ko ntera yafashe indomo idakwiye kugirwa isura y'izina ntera, keretse iramutse igaragiye izina ikarisobanura igaragaza ibyo izina ntera rigaragaza, ni bwo twayita izina ntera. Ibi twabikora tutagendeye ku kuba ari ntera yafashe indomo, ahubwo ko ari izina rigaragira izina rikarigaragazaho ibyo izina ntera rigaragaza ku izina rigaragiye byavuzwe haruguru.

Izina ntera n'izina rigaragiye bihuzwa n'ikinyazina ngenera, kiba kisanishije n'izina risobanurwa. Izina ntera rishobora kuba izina nyakimwe, rituruka cyangwa ridaturuka ku nshinga, cyangwa ry'urusobe. Izina ntera rikoreshejwe ryonyine, ridahurijwe ku ryo risobanura n'ikinyazina ngenera rihinduka izina.

Ubu bushakashatsi kandi bwanagaragaje igihe imikoreshereze y'izina ntera itera urujijo, maze ukaba wakwiranya izina ntera n'izina, maze butanga umurongo watuma uru rujijo ruvamo. Iki gihe, wavuga izina cyangwa ukavuga izina ntera, igihe cyose interuro iryo jambo ririmo itabigaragaza neza. Intego y'izina ntera ntitwayigaragaje, kuko ari yo y'izina. Kuba bidatandukanye rero birumvikana ko uzi gusesengura (kugaragaza uturemajambo cyangwa intego y'izina) aba azi no gusesengura izina ntera. Muri ubu bushakashatsi ntitwagaragaje imisesengurire y'izina ntera, kuko yo itigeze itera ikibazo, ahubwo twibanze ku nshoza gusa.

5.2. Ibyifuzo

Nyuma yo kubona ko ibitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri bitabashije gutanga umurongo ku nshoza ihabwa izina ntera, ubu bushakashatsi burifuzako abanditsi b'ibitabo mfashanyigisho bikoreshwa mu mashuri yo mu Rwanda ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda bagomba gufata umwanzuro, bagendeye ku byavuzwe n'abashakashatsi. Ntibagomba gukomeza gutsimbarara ku bushakashatsi bwa kera, ahubwo bakwiye kugendana n'igihe, bakareka gufata impande ebyiri z'inshoza y'izina ntera. Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi bw'Ibanze (REB), Inteko y'Umuco ndetse n'izindi nzego zishinzwe guteza imbere Ikinyarwanda harimo na Kaminuza y'u Rwanda (UR), bafasha mu kuvugurura ibitabo mfashanyigisho, kugira ngo bishyirwemo inshoza y'izina ntera idatera urujijo.

Turasoza duhamagarira abandi bashakashatsi gukomereza aho ubu bushakashatsi bwacu bugarukiye, bityo kibonezamvugo k'Ikinyarwanda kigakomeza kunozwa.

INYANDIKO ZIFASHISHIJE

1. BIZIMANA, S. (1998). *Imiterere y'Ikinyarwanda. Igitabo cya I. Amajwi, amagambo n'interuro*. IRST Butare.
2. BIZIMANA, S. (1998). *Imiterere y'Ikinyarwanda. Igitabo cya I. Amajwi n'amagambo*. IRST Butare.
3. Kothari, C.R. (2004). *Research Methodology. Methods and Techniques. Second revised edition*. New age international publishers. Jaipur India.
4. Muller, C. (2002). *Les catégories grammaticales dans une approche modulaire*. (Bordeaux & CNRS: UMR 5263.
5. DRAKKAR. (2017). *Ikinyarwanda: Amashuri yisumbuye: Umwaka wa mbere. Igitabo cy'umunyeshuri*. English Press Ltd. Kigali Rwanda.
6. Nsanzabiga, E. (2012). *From the "trapped language" to the hybridized language: An educational dilemma in teaching Kinyarwanda*. Kigali Institute of Education, Rwanda.
7. Mukama, E & Nkusi, L. (2019). *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire*. Africa Minds. Cape Town. South Africa.
8. Lagarde, J. P. (2018). *Les parties du discours dans la linguistique moderne et contemporaine*. Université de Nancy II. C.N.R.S.-U.R.A.
9. Kabayiza, V. Mukakigeri, M. et al. (2010). *Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye*. Kigali Rwanda.
10. Khairul, B. N. (2008). *Case Study: A Strategic Research Methodology*. Article in American Journal of Applied Sciences. University of Cyberjaya. USA.
11. Mwangi, L. W. & Chacha, L. M. (2013). *Mchango wa mbinu za kufunzia katika kuimarisha umilisi wa mwanafunzi kuhusu vipengele vya sarufi ya kiswahili nchini Kenya*. Nairobi Kenya.

12. L Cohen, L. M. and Keith, M. (2007). *Research Methods in Education. Sixth Edition.* New York USA
13. Welmet, M. (1983). *Les déterminants du nom en français: Essai de synthèse.* Université de Bruxelles.
14. Salles, M. (2005). *Adjectifs “ modaux ” et adjectifs qualificatifs.* Université de Caen CRISCO, France.
15. Mouton de Gruyter (2000). *Approaches to the Typology of Word Classes.* (Edited by Petra M Vogel&Bernard Comrie) Berlin.
16. Nadeau, M. (1996). *Identification des catégories et accord des mots : une expérimentation en troisième année primaire.* Google scholar. Fichier pdf généré le 04/05/2018.
17. Nsanzabiga, E. & Twilingiyimana, C. (2015). *Iyigantego ry'Ikinyarwanda.* Kaminuza y'u Rwanda, Koreji Nderabarezi, Rwanda.
18. P Drew, M.H Goodwin, JJ Gumperz, Schiffrin, D. (1996). *Interaction and Grammar Edited by Elinor Ochs, Emanuel A, Schegloff and Sandra A. Thompson..* Cambridge University Press. Transferred to digital printing in 1999.
19. Batstone, R. (1994). *Language teaching. A scheme for teacher education. Grammar. Sixth edition.* edited by C N Candlin & H G Widdowson 2003: Oxford University Press.
20. R. David Zorc & Nibagwire, L. (2007). *Kinyarwanda and Kirundi Comparative Grammar.* Dunwoody Press Ltd. USA.
21. Rakhim, Z. Muryasov (2019). *On the periphery of the parts of speech system.* Google scholar
22. RALC (2019). *Ikibonezamvugo. Icapwa rya kabiri.* Alpha Media Ltd. Kigali Rwanda.

23. REB (2019). *Ikinyarwanda amashuri yisumbuye umwaka wa 4. amashami yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange. igitabo cy'umunyeshuri*. Kigali Rwanda.
24. Rikke Ørngreen and Karin Levinsen (2017). *Workshops as a Research Methodology*. Department of Learning and Philosophy, Aalborg University, Copenhagen, Denmark.
25. Shawn Wilson (2001). *What is indigenous research methodology?* Canadian Journal of Native Education. Canada.
26. Twizeyimana, T. (2021). *Impact of code switching on the quality of interpreting: The case of Rwandan parliament*. University of Rwanda CASS. Huye.
27. Fromkin, V. Rodman, R. Nina Hyams (2003). *An Introduction to Language. Seventh edition*. Boston, Massachusetts, USA.
28. Zellig, S. H, Mme F Dubois-Charlier (1969). *Analyse du discours*. Google scholar. Fichier pdf généré le 02/05/2018.

Imigereka

Ibaruwa isaba uburenganzira bwo kujya gukusanya amakuru

NDAHIMANA Daniel

MED/ Kinyarwanda/ UR-CE

E-mail: danielccat@gmail.com

Tel: 0785049697

Kigali, 4th February, 2022

To the Director of Research and Innovation, UR-CE

Dear Sir,

Through supervisor

Dr Valentin UWIZEYIMANA



Re: Application for Data Collection Authorization

I am glad to write this letter to you in order to applying for data collection authorization for my Masters Research Project entitled “**Imyigire n’imyigishirize y’inshoza y’izina ntera mu mashuri yisumbuye**” that will be conducted in the selected Schools of Gicumbi District in Northern Province. In fact, I am a student in Master’s Program (Masters of Education Kinyarwanda Education) in University of Rwanda, College of Education (UR-CE).

The requested data collection authorization is necessary for enabling and helping me to justify to the district and schools so that they allow me to conduct my research.

I hope you to consider my application, and I look forward to hearing from you.

Yours sincerely;



NDAHIMANA Daniel

RESEARCH AND INNOVATION UNIT

Rukara, 14th June 2022
Ref: 03/DRI-CE/096/EN/gj/2022

The Mayor
Gicumbi district
Northern Province
Rwanda

Re: Research recommendation letter for Mr. Daniel NDAHIMANA

On behalf of the University of Rwanda-College of Education (UR-CE), I am pleased to introduce **Mr. Daniel Ndahimana**, a post-graduate student at the School of Education, UR-CE. Mr. Ndahimana is writing his thesis on "*Imyigire n'inyigishirize y'ishoza y'izina ntera mu mashuri yisumbuye*" to complete his Master of Education in Kinyarwanda Education. His research will involve Kinyarwanda teachers and S5 & S6 students learning Kinyarwanda as a core subject. Thus, he requests permission to collect data from the selected secondary schools in Gicumbi district.

Mr. Ndahimana's research project passed successfully through an internal collegial ethical process. Thus, the University of Rwanda-College of Education: Directorate of Research and Innovation confirms that this research adheres to ethical standards and principles. Therefore, we kindly request you to accord him your cooperation in this research.

We very much hope to get your cooperation.

Yours sincerely,



Digitally signed by
UR (Rukara, Directorate of Research &
Innovation)
Date: 2022.06.14
Time: 11:25:10 +2'00

Assoc. Prof. Eugene Ndabaga
Director of Research and Innovation
University of Rwanda-College of Education
E-mail: ndabagav@yahoo.ie
Mobile: +250788308862

Cc:

- Principal, UR-CE
- Postgraduate Program Coordinator, School of Education
- Dr. Valentin Uwizeyimana (Supervisor)



UNIVERSITY of
RWANDA

COLLEGE OF EDUCATION

Itariki.....

Bwana/Madamazera.....

Nitwa **NDAHIMANA Daniel** umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda Koreji y'Uburezi mu Kiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu kwigisha Ikinyarwanda. Ndi gukora ubushakashatsi ku nsanganyamatsiko ivuga ngo: “**Imyigire n’imyigishirize y’inshoza y’izina ntera mu mashuri yisumbuye**”. Ubu bushakashashatsi bugamije gutanga inama zizafasha kunoza imyigishirize y’izina ntera mu mashuri yisumbuye.

Mwatoranyijwe nk’abantu tubona ko mwadufasha gutanga ibitekerezo ku bibazo byateguwe kuri ubu bushakashatsi. Ibitekerezo byanyu ni ingirakamaro kandi bizadufasha kunoza imyigire n’imyigishirize y’izina ntera mu mashuri yisumbuye.

Turabasaba kudufasha mugasubiza ibibazo twabajije ku nshoza y’izina ntera. Igisubizo icyo ari cyo cyose kizakirwa. Musabwa gutanga ibitekerezo byanyu uko mubishaka. Ibisubizo mwatanze bizaguma ari ibanga, nta hantu na hamwe tuzagaragaza umwirondoro wanyu. Ibisubizo bizakoreshwa muri ubu bushakashatsi gusa. Nta nkurikizi ku bisubizo mwatanze.

Nimwuzuzwa iyi nyandiko, muraba mwemeye kugira uruhare muri ubu bushakashatsi.

Mwemerewe kwisubiraho igihe icyo ari cyo cyose mwumva bibaye ngombwa.

Nishimiye ubufatanye bwanyu muri ubu bushakashatsi.

Murakoze.

NDAHIMANA Daniel

Kwemera ku bushake

Ngewe
ndemeza ko nahawe amakuru n’umushakashatsi
..... ku bushakashatsi bufite umutwe
**“Imyigire n’imyigishirize y’inshoza y’izina ntera mu mashuri
yisumbuye”**, nasomye kandi nsobanukirwa ubu bushakashatsi, ndetse
mpabwa umwanya uhagije wo kugira icyo mbaza kuri ubu
bushakashatsi. Nzi neza ko amakuru nzatanga muri ubu bushakashatsi
azaguma ari ibanga, kandi ntazigera nkurikiranwa kubera natanze ayo
makuru.

Nsobanukiwe kandi ko nshobora kwisubiraho igihe cyose numva
bibaye ngombwa, kandi ko kwisubiraho kwange bitagira amahirwe
bimbuza ahantu hose, ubu ndetse no mu gihe kizaza.

Ku bw’ibyho, nemeye nta gahato kugira uruhare muri ubu
bushakashatsi.

Ishuri:

Itariki.....

Umukono.....

Ibibazo bigenewe abanyeshuri biga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.

1. Amagambo aciyeho akarongo uyabarira mu buhe bwoko bw'amagambo? Vuga ubwoko bwa buri jambo

a) Nge ndabona uyu mwana w'umugoyi yambaye umwenda w'umutirano kandi ni inyangamugayo cyane.

Umugoyi:.....

.....

Umutirano:.....

.....

Inyangamugayo:.....

.....

b) Amatarasi y'indinganire, ibikorwa bya kijyambere ndetse n'aturima tw'igikoni byatumye abana b'abanyarwanda bakira imirire mibi.

Indinganire:.....

.....

Kijyambere:.....

.....

Igikoni:.....

.....

Abanyarwanda:.....

.....

c) Igikamyo cya rukururana kigeze ku biro bya gasutamo kikoreye inzugi z'ibyuma.

Rukururana:.....

.....

Gasutamo:.....

.....

Ibyuma:.....

.....

- d) **Abato** imbere, **abakuru** inyuma, **abagufi** na bo baze mbere y'**abanini** muri iki cyumba.

Abato:.....
.....
Abagufi:.....
.....
Abagufi:.....
.....
Abanini:.....
.....

- e) Imodoka z'**ingande**, terefone z'**inshinwa** ndetse n'ingoma z'**indundi** byose birakomera.

Ingande:.....
.....
Inshinwa:.....
.....
Indundi:.....
.....

- f) Yoroye inka z'**inshashi**, inkwavu z'**ingabo**, imbwa y'**umuguta** ndetse n'imfizi y'**ingurube**.

Inshashi:.....
.....
Ingabo:.....
.....
Umuguta:.....
.....
Ingurube:.....
.....

- g) Mu magambo y'**urucantege** ntiwantereranye, mu ntambara z'**urudaca** wabanye nange, mu mvura y'**amahindu** uranyugamisha, ku zuba ry'**igikatu** wambereye inshuti y'**imena** mu buzima, sinzakwibagirwa.

Urucantege:.....
.....

Urudaca:.....

.....

Amahindu:.....

.....

Igikatu:.....

.....

Imena:.....

.....

- h) Aba barimu b'**indashyikirwa** ni intore z'**intajorwa** zitari
intoraguramayugi.

Indashyikirwa:.....

.....

Intajorwa:.....

.....

Intoraguramayugi:.....

.....

- i) Ishati z'**umutuku** n'iz'**umweru** zandura kimwe n'indi myenda
y'**ubururu**.

Umutuku:.....

.....

Umweru:.....

.....

Ubururu:.....

.....

- j) **Inshashi** ze zimiye rimwe.

Inshashi:.....

.....

- k) **Umugoyi** yambaye **umutirano** kandi afite **indinganire** nyinshi ku
gasozi.

Umugoyi:.....

.....

Umutirano:.....

.....

Indinganire:.....

.....

- l) **Gasutamo** yacu yubakishije **ibyuma** kandi **abanyarwanda** benshi
bakunda kuyitembereraho kugira ngo birebere **inyangamugayo**
zihakora.

Gasutamo:.....
.....

Ibyuma:.....
.....

Abanyarwanda:.....
.....

Inyangamugayo:.....
.....

2. Sobanura amagambo akurikira dusanga mu bwoko bw'amagambo y'Ikinyarwanda, unatange ingero nibura ebyiri zishyigikira ibyo wavuze.

Izina ntera:

.....
.....
.....
.....
.....

Ingero:.....

.....
.....
.....
.....
.....

Murakoze!!!

Ibibazo bigenewe abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye.

Imbumbabutumwa (Link) yifashishijwe:

<https://forms.gle/r9oYwQMID4hpL5DD8>

Ibibazo by'ubushakashatsi. Ikiciro cya mbere k'ibibazo.

1. Vuga ubwoko bw'amagambo yakoreshejwe mu nteruro.

A) Nge ndabona uyu mwana w'umugoyi yambaye umwenda w'umutirano kandi ni inyangamugayo cyane.

i) Umugoyi:

- Izina ntera
- Izina rusange

ii) Umutirano:

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Inyangamugayo:

- Izina ntera
- Izina rusange

B) Amatarasi y'indinganire, ibikorwa bya kijyambere ndetse n'uturima tw'igikoni byatumye abana b'abanyarwanda bakira imirire mibi.

i) Indinganire:

- Izina ntera
- Izina rusange

ii) Kijyambere:

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Igikoni:

- Izina ntera
- Izina rusange

iv) Abanyarwanda:

- Izina ntera

- Izina rusange

C) Igikamyo cya rukururana kigeze ku biro bya gasutamo kikoreye inzugi z'ibyuma

i) Rukururana:

- Izina ntera
- Izina rusange

ii) Gasutamo

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Ibyuma

- Izina ntera
- Izina rusange

D) Abato imbere, abakuru inyuma, abagufi na bo baze mbere y'abanini muri iki cyumba turimo.

i) Abato:

- Izina ntera
- Izina rusange

ii) Abakuru

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Abagufi

- Izina ntera
- Izina rusange

iv) Abanini

- Izina ntera
- Izina rusange

E) Imodoka z'ingande, terefone z'inshinwa ndetse n'ingoma z'indundi byose birakomera.

i) Ingande:

- Izina ntera

- Izina rusange

ii) Inshinwa

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Indundi

- Izina ntera
- Izina rusange

F) Yoroye ihene z'inshashi, urukwavu rw'urugabo, imbwa y'umuguta ndetse n'imfizi y'ingurube.

i) Inshashi:

- Izina ntera
- Izina rusange

ii) Urugabo

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Umuguta

- Izina ntera
- Izina rusange

iv) Ingurube

- Izina ntera
- Izina rusange

G) Mu magambo y'urucantege ntiwantereranye, mu ntambara z'urudaca wabanye nange, mu mvura y'amahindu waranyugamishije, ku zuba ry'igikatu wambereye inshuti y'imena, sinzakwibagirwa.

i) Urucantege :

- Izina ntera
- Izina rusange

ii) Urudaca

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Amahindu

- Izina ntera
- Izina rusange

iv) Igikatu

- Izina ntera
- Izina rusange

v) Imena

- Izina ntera
- Izina rusange

H) Aba barimu b'indashyikirwa ni intore z'intajorwa zitari intoraguramayugi.

i) Indashyikirwa:

- Izina ntera
- Izina rusange

ii) Intajorwa

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Intoraguramayugi

- Izina ntera
- Izina rusange

I) Ishati z'umutuku n'iz'umweru zandura kimwe n'iz'ubururu.

i) Umutuku:

- Izina ntera
- Izina rusange

ii) Umweru

- Izina ntera
- Izina rusange

iii) Ubururu

- Izina ntera
- Izina rusange

Ibibazo by'ubushakashatsi. Ikiciro cya kabiri k'ibibazo.

3. Ku bwawe, ni gute wasobanura izina ntera? Risobanure utange n'ingero ebyiri.

.....
.....
.....
.....
.....

4. Ugendeye ku bisobanuro umaze gutanga ku izina ntera, ni iki kikubwira ko ijambo ari izina ntera mu nteruro?

.....
.....
.....
.....
.....

5. Ni iki ugenderaho ugena ubwoko bw'amagambo mu Kinyarwanda?

.....
.....
.....
.....
.....

6. Ukurikije uko ubibona, mbese abanyeshuri wigisha basobanukiwe n'inshoza y'izina ntera?

- Yego
- Oya

7. Andika nibura bibiri mu bitabo wifashisha uri kwigisha, ukuramo ibyo wigisha mu Kibonezamvugo.

.....
.....
.....

.....
.....

8. Andika nibura bibiri mu bitabo wifashisha uri kwigisha, ukuramo ibyo wigisha mu kibonezamvugo, warangira abanyeshuri ngo babyifashishe biyungura ubumenyi mu kibonezamvugo k'Ikinyarwanda.

.....
.....
.....
.....
.....

RETHC: Ethical Research Approval Form



*Directorate of Research and Innovation
(UR-DRI)*

SECTION A: Project Information

Project title: Imyigire n'imyigishirize y'inshoza y'izina ntera mu mashuri yisumbuye			
Investigator:	NDAHIMANA Daniel		
Student No.	220018303		
Co-Investigators (if applicable):			
Supervisor: Dr Valentin UWIZEYIMANA Co-Supervisor: Jules BAYAVUGE			
Contact details of Investigators:	<i>Phone</i> 0785049697	<i>Fax</i>	<i>E-mail:</i> danielccat@gmail.com
Degree enrolled in	Masters of Education in Kinyarwanda Education		
Project location:	Akarere ka GICUMBI		
Project duration:	Amezi atandatu (6)		

SECTION B: Ethical Review Application (*To be filled by Applicant (s)*)

RETHC: Ethical Research Approval Form



*Directorate of Research and Innovation
(UR-DRI)*

Please answer all of the following questions

<p>1. Who are the research participants and how will they be recruited?</p> <p>Abazagira uruhare muri ubu bushakashatsi ni abanyeshuri biga mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye ndetse na bamwe mu bayobozi bashinzwe guteza imbere Ikinyarwanda. Bazatoranywa hagendewe ku mpamvu, kuko ari bo bafite amakuru akenewe kandi ya nyayo.</p>
<p>1. Provide a brief summary of the project: Umushinga wange ushingiyeye ku nshoza y'izina ntera, uburyo yigishwa, imbogamizi zibonekamo ndetse n'uburyo izo mbogamizi zarandurwa.</p> <ul style="list-style-type: none">✓ Ni gute abarimu basobanura izina ntera?✓ Ni izihe mbogamizi bahura na zo ?✓ Ni gute abanyeshuri bumva inshoza y'izina ntera? Ese inshoza yaryo irumvikana cyangwa ntiyumvikana?✓ Ni iki cyakorwa kugira ngo inshoza y'izina ntera yumvikane neza ? <p>Mu gukusanya amakuru tuzifashisha impapuro z'ibibazo, zizasubizwa n'abakeshwamakuru maze ibyo basubije bigasesengurwa.</p>

2. Outline the research plan:										
N ^o	Activities	Months								
		May	June	Jully	Aug	Sep	Oct	Nov	Dec	Jan
1	Gutegura imbanzirizamushinga	V	V	V	V	V	V	V	V	
2	Gusaba uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi.									V
3	Gutegura ibibazo bizabazwa.									V
4	Gukusanya amakuru.									
5	Gusesengura amakuru									
6	Kwandika inyandiko y'ubushakashatsi.									
8	Kumurika inyandiko.									
<p>3. How will informed consent be obtained from participants? Umushakashatsi namara kwemererwa, azajya kureba abayobozi b'ibigo kugira ngo abasabe uburenganzira bwo kuvugana n'abanyeshuri. Abandi bakeshwamakuru bo bazaganirizwa ku giti cyabo.</p> <p>Abakeshwamakuru bazasobanurirwa impamvu y'ubushakashatsi, ndetse anabasabe kwemera ku bushake gufatanya na we mu bushakashatsi.</p>										
<p>4. Provide details of procedures for establishing confidentiality and protecting privacy of participants. Amakuru azahabwa, umushakashatsi azayabika neza, ayifashishe mu bushakashatsi bwe gusa, nta nkurikizi yindi ku bamuhaye amakuru.</p>										
<p>5. Provide details of data collection, security and storage: Abakeshwamakuru bamaze kumwemererwa gufatanya na we mu bushakashatsi, umushakashatsi azatanga impapuro z'ibibazo, hanyuma abakeshwamakuru basubize nibarangiza bamusubize impapuro. Aho bizaba ngombwa, umushakashatsi azasiga impapuro, hanyuma nibarangiza</p>										

gusubiza azagaruke kuzifata.	
Impapuro ziriho amakuru yatanzwe zizabikwa mu myaka itanu, kandi zizabikwa neza. amakuru arimo azifashishwa mu bushakashatsi gusa.	
6. Give details of whether and/or how feedback will be available to participants: Kubera ko ubushakashatsi buzibanda ku myigire n'imyigishirize, ibizava mu bushakashatsi bizafasha abarimu n'abanyeshuri mu gihe bizaba byashyizwe ahagaragara n'umushakashatsi cyangwa kaminuza.	
7. Does the project involve any of the following procedures?	
a)	
b) Participant involvement by any "vulnerable groups." (If YES, give details), Oya	
c) Does the project involve any other disciplines and/or Ethics Committees? (If YES, please state which and what approval has already been obtained - attach documentation), Oya	
d) Will payments to participants be made? (If YES, state amount and whether payment is for out-of-pocket expenses, or a fee.): Oya	
e) Will the project receive financial support?	
(i) If YES, specify the nature and source of the support: If YES, have any restrictions been imposed upon the conduct of the research? (If YES, specify the nature of the restrictions): Ntayo	
f) Will any restrictions be placed on the publication of results? (If YES, please state the nature of the restrictions): Oya	
g) Are there any other points you wish to make in justification of the proposed study? Oya	
h) Please complete the items on the checklist shown below. (Write either YES or NO in the box following each item)	Yego/Oya
(i) Have you completed all the questions on this form that are applicable to your project?	Yego
(ii) Have you attached an informed consent form (see below)?	Yego
(iii) Have you attached a sample questionnaire or interview schedule (if applicable)?	Yego

Signature of Proposer:  Date: 24 January 2022

SECTION C: Ethical Scrutiny by supervisor

To be completed by supervisor:

[Delete A or B]

A. This research is considered ethically acceptable. It does not involve any of the following:

- research on live animals other than non-intrusive observational studies in the wild
- research involving children under the age of 16, people diagnosed as suffering from a serious physical or mental disease or handicap, people who have undergone what would generally be regarded as traumatic experiences related to the area of research now or in the past, or people who would be judged by any reasonable person to be especially vulnerable
- experiments or clinical trials carried out on human subjects
- a power relationship such as teacher/pupil, doctor/patient, employer/employee etc.
- covert methods or where informed consent cannot or will not be sought, except for research on 'public situations' such as the behaviour of crowds or groups of people in circumstances where the researcher has a right to be present.
- research where the identity of the subjects/informants/participants cannot be concealed, unless they are specifically to be made aware of this and provide their signed consent
- research, which might reasonably be judged at risk of causing harm, distress or discomfort to people or groups (including social stigmatization/penalty, commercial disadvantage or environmental damage or degradation)

Signature:



Name: Dr UWIZEYIMANA Valentin

Date: 04 /02/ 2022

SECTION D: Ethical Review by Chairperson of Review Committee

To be completed by chairperson of University or College RESC (whichever applies):

[Ring the identification letter of one statement]

- A. This research may proceed without further review
- B. This research may not proceed; it clearly breaches ethical guidelines without providing justification, or it contravenes a decision already taken by the RESC.
- C. This research should be referred to the full RESC.

Reasons:

Signature: _____ Name: _____

Chairperson University or College RES-C (whichever applies)

Date: _____/_____/_____

dd

mm

yyy

RETHC: Ethical Research Approval Form



*Directorate of Research and Innovation
(UR-DRI)*

To be completed after a full University or College RESC meeting (whichever applies):

[Ring the identification letter of one]

- A. This research may proceed
- B. This research may proceed if the conditions below are implemented.
- C. This research may not proceed.

Reasons (and conditions, if appropriate):

Signature: _____ Name: _____
Chairperson

University or College RES-C (whichever applies)

Date: _____ / _____ / _____
 dd mm yyy